BUTUMWA BWOROHEJE KUMAHAME YA GIKRISTO ASHINGIYE KURI BIBILIYA

Hamwe na: Pastor Thomas Wade Akins

Thomas na Barbara Akins

Pastori Thomas na Barbara Akins bakoreye kristo imyaka myinshi. Bakoze umurimo wabo mu rwego mpuzamahanga, batanga amahugurwa y'abapastori n'abayobozi b'amatorero mu mpande zose z'isi, bigishije ibihumbi byinshi by'abayobozi mu mpande zose z'isi, mu bihugu bigera kuri 67.

***Pastori Thomas yatangiriye umurimo we w'ubumisiyoneri muri Vietnam y'amajyepfo ahagana 1968. Yanakoreye muri Washington D.C. ho muri leta zunze ubumwe za amerika ndetse na Brazil*.**

Barbara we yatangiriye umurimo w'ubumisiyoneri muri Brazil.

Inyota y'imitima yabo kwar'ukugiranga bombi ubuzima bwabo buhimbaze imana bakiriho kugeza bapfuye.

Imigani: 3: 5-6, Yohana 17:4 na Yeremiya 29: 11

Thomas Wade na Barbara Akins

IBIRIMO

1. **Umutwe mbere: ni gute kuvuka ubwa kabiri bigenda**

   Inyigisho y'agakiza

2. **Umutwe wa kabiri:Ubwishingizi bw'iteka**

   Inyigisho y'ubugingo bw'iteka

3. **Umutwe wa gatatu: Imana ni nde?**

   Inyigisho ku mana

4. **Umutwe wa kane: Yesu ninde?**

   Inyigisho kuri yesu

5. **Umutwe wa gatanu: Umwuka wera ninde?**

   Inyigisho ku mwuka wera

6. **Umutwe wa gatandatu: Icyaha ni iki?**
   Inyigisho kucyaha
7. **Umutwe wa karindwi: umusaraba wa kristo**
   Inyigisho y'Impongano
8. **Umutwe wa munani: gutsindishirizwa ni iki?**
   Inyigisho yo gutsindishirizwa
9. **Umutwe wa cyenda: ubwiyunge no gucungurwa ni iki?**
   Inyigisho kubwiyunge no gucungurwa
10. **Umutwe wa cumi: kwihana ni iki?**
    Inyigisho yo kwihana
11. **Umutwe wa cumi n'umwe: kwizera n'ubuntu ni iki?**
    Inyigisho ku kwizera n'ubuntu
12. **Umutwe wa cumi na Kabiri: kugaruka kwa kabiri kwa kristo**
    Inyigisho ku kugruka kwa kabiri kwa kristo

UMUTWE WA MBERE

NI GUTE HABAHO KUVUKA UBWA KABIRI

INYIGISHO Y'AGAKIZA IGICE CYA MBERE

Yohana3:1-16

Iriburiro

Muri iyi nkuru yacu, tubonamo umugabo witwa Nikodemu. (Umurongo wa 01). Nikodemu yari umufarisayo. Abayuda bari bafite amatsinda abiri muri icyo gihe. Itsinda rya mbere ryari Abasadukayo irindi ari Abasfarisayo. Abafarisayo bari abanyamategeko n'imihango cyane

Umufarisayo bisobanuye umuntu mwiza cyane. Yarubahagwa cyane muri sosiyete yabagamo. Yabaga ari umwe mubagize inama y'abatware. Bivuze ko yari afite imbaraga.

kuba umufarisayo bisobannuye ko yari umunyedini. Yatangaga 1/10 cy'ibyo yinjije byose akabiha Imana. Yabaga yarize amategeko ya Mose kandi akayubahiriza uko ashoboye.

Ariko, Nikodemu yari afite ikibazo. Mubuzima bwe yari uwo kubabarirwa. Yari afite umwobo muremure mu bugingo bwe kandi ntiyashoboraga kuwuzuza

Hanyuma ijoro rimwe asanga yesu. (umurongo wa 02). Nijoro araza,kuburyo ntamuntu n'umwe wamubonaga. Yari azi uwo yesu ariwe kubera ko yari yarabonye cyangwa akumva ibitangaza yesu yakoze.

Aravuga ati: nta muntu washobora gukora ibitangaza ukora keretse Imana irikumwe nawe.

Yesu yarafite ubushobozi bwo kureba imbere mu mutima w'umuntu. Rero, yamenye ko nubwo ari umugabo w'umunyedini mwiza ko akeneye ubugingo bw'iteka.

Yesu atanga impamvu eshatu zituma ugomba kuvuka ubwa kabiri

I. IMPAMVU YA MBERE- Niba ushaka kujya mw'ijuru igihe wapfuye ugomba kuvuka ubwa kabiri.

Ukeneye kujya mw'ijuru nyuma yuko upfuye ?

Hanyuma Yesu aravuga ati: ntawushobora kubona ubwami bw'Imana keretse avutse ubwa kabiri.

Kubera iki? Iyo wabyawe na mama wawe uba waravutse muburyo bw'umubiri (bufatika).

Mukuvuka kwawe gusanzwe, wavukanye kamere y'icyaha. Ntawakwigishije 'gokora icyaha'. Ntawakwigishije kubeshya. Ntawakwigishije kuba nyamwigendaho. Gucumura biri muri kamere yacu. Twarazwe kamere y'icyaha biturutse muri Adam.

Ntiwashobora gutoza Intare. Ushobara kuyirera ikiri icyana. Ushobora kuyikunda nk'icyana cy'intare. Ushobora kukigaburira. Ariko umunsi umwe, izakura, wenda ikwice. Kubera iki? Kuberako ifite kamere y'ubunyamaswa.

kimwe n'umuntu. Kamere yacu ni ugucumura. nta wutwitwigisha uko bigenda, niyo mpamvu, ukeneye kamere nshya kugirango winjire mw'ijuru.

Kamere ituruka ku mana. Kamere imana iguha.

Rero, niba ukeneye kwinjira mubwami bw'imana, ugomba kuba waravutse ubwa kabiri. (Umurongo wa gatanu)

Yesu yaravuze ati, ngiye kubategurira ahanyu. Yohana 14:2.

Ese ijuru rizaba rimeze rite?

A. Ijuru ni ahantu heza cyane.

Ese ijuru ni ahantu hameze gute? Ni ahantu heza cyane. Bibiliya igaragaza ijuru nk'ahantu h'imihanda y'izahabu. Hagaragazwa nk'ahantu hafite inkunda za yasipi. Buri rembo rigizwe n'amasaro.

B. Ijuru ni ahantu hatunganye

Nyine tekereza. Nta mibabaro izabayo. Nta ntwara z'ibyorezo zizabayo. Nta mubabaro uzabayo. Nta gahinda kazabayo. Nta rupfu ruzabayo.

C. Ijuru ni ahantu uzamenya abantu

Ushobora gutangara, mwijuru tuzamenyana, yego. Mwijuru Ntabwo uzaba ukiri umuswa.

Uzaba ushobora kugendana na Aburahamu muganira kubijyanye n'umuhamagaro w'imana kuri we, kugirango abe se w'ishyanga ry'abayuda ryagombaga guhesha isi yose umugisha biciye muri messiya wajyaga kuzaza.

Uzaba ufite ubushobozi bwo kuvugisha Mose. Nyine tekereza, uzaba ushobora kubaza mose uko byari bimeze kugasongero k'umusozi sinayi ubwo yakiraga amategeko icumi.

Uzaba ubasha kuba wavugisha umwami Salomon, umwami Dawidi n'abandi bayobozi bakomeye bibiliya ivuga ndetse n'abahanuzi. Uzahura n'abagabo b'Imana bakomeye cyane nka Yeremiya, Yesaya na Amos. Uzahura n'abagore bakomeye cyane mu mana nka Ruth, Esiteri na Mariya nyina wa Yesu.

Wenda wabuze so, nyoko, umugore wawe, umugabo cyangwa umwana. Niba bari baravutse ubwa kabiri, uzongera ubabone kandi ubamenye. Uzaba ari umunsi ukomeye cyane wo guhuza imiryango n'inshuti.

Ariko igikomeye cyane mwijuru nuko uzabona Yesu imbonankubone.

Bibiliya iravuga iti: igihe kizagera ubwo amavi yose azapfukama n'indimi zose zikatura ko yesu ari umwami.

Yesu ni umucyo w'ijuru. Uzaba mu gicucu cye. Twese tuzamwubararira tumuramye.

Ibyahishuwe 4 hatubwira uko mwijuru bimeze ubu. Yesu ari kuntebe ye y'ubwami akikijwe n'abamarayika baririmba.

UWERA UWERA UWERA
NI WE MANA ISHOBORABYOSE
UWAHOZEHO, URIHO KANDI UZAHORAHO(Ibyahishuwe 4:8)

kujya mwijuru nyuma yo gupfa? Ukwiye kubanza kuvukaubwa kabiri.

I. IMPAMVU YA Kabiri. - kuki kuvuka ubwa kabiri? - kugirango uhabwe ubuzima nyabwo nonaha.

Ugomba kubyarwa ubwa kabiri kugirango uhabwe ubuzima nyabwo nonaha. Ubuzima bufite igisobanuro n'intego. Ubuzima bw'ibyishimo, amahoro n'urukundo.

Yohana 3:16 haravuga ngo'Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.

Kenshi dutekereza ijambo' ubuzima buhoraho' nkaho ari ikintu gitangira nyuma yo gupfa. Ibyo ni ukuri.

Ariko muby'ukuri birenze ibi. Ni ubuzima nanone butangira nonaha ukiri ku isi.

Iyo kristo yinjiye m'umutima wawe, ubuzima bw'iteka butangira ako kanya. Ntibutangira aruko umaze gupfa. Ubuzima bw'iteka butangira igihe kristo yinjiye m'umutima wawe. Impamvu nuko umwuka wera yinjira m'ubuzima bwawe igihe uhaye ubuzima bwawe kristo. Ubuzima bw'iteka busobanuye kujya mw'ijuru nyuma yo gupfa ariko nanone bisobanuye kugira ubuzima bw'agaciro n'igisobanuro igihe ukiri kw'isi.

Kristo aguha intego mukimbo cy'ubusa.
Kristo aguha urukundo mukimbo cy'urwango.
Kristo aguha ubuzima mukimbo cy'urupfu.
Kristo aguha imbabazi mukimbo cy'ubwoba.

Muyandi magambo, kristo aha ubuzima bwawe igisobanuro n'impamvu nonaha ukiri mu isi.

Urashaka kugira UBUZIMA nonaha kandi ukiri mwisi?

Ubuzima nyabwo ni ubuzima bw'agaciro, amahoro, ibyishimo, urukundo, imbabazi no kumenya ko nupfa uzajya mu ijuru.

Niba ushaka ubuzima nonaha ugituye kwisi, noneho ugomba kubyarwa ubwa kabiri.

II. IMPAMVU YA GATATU… Kuki ugomba kubyarwa ubwa kabiri? - gucika irimbukiro.

Yohana: 3:18 Umwizera ntacirwaho iteka, utamwizera amaze kuricirwaho kuko atizeye izina ry'Umwana w'Imana w'ikinege.

Muri ibi bihe byacu, hari benshi mubapastori n'abantu batizera ko irimbukiro ririho. Ariko yesu arabyizera. Yesu yigishije cyane kubijyanye n'irimbukiro kurusha uko yabikoze kw'ijuru.

Yesu muri matayo 25:46 yaravuze ati: Abo bazajya mu ihaniro ry'iteka(urupfu), naho abakiranutsi bazajya mu bugingo buhoraho." Irimbukiro ni iki?

A. Irimbukiro ni ahantu ho gutandukanywa.

Iyo bibiriya ivuze 'kurupfu' ibiba ivuze gutandukanywa. Urupfu bivuze 'gutandukanywa' hari uburyo butatu bw'urupfu bibiliya itubwira:

1. **Urupfu rw'umubiri. Umunsi umwe umubiri wawe uzashiraho. Umutima wawe uzahagarara gutera. Umwuka wawe uzatandukanywa n'umubiri. Bibiliya yita umubiri 'ihema'. Ryambika umwuka, ubugingo bwawe.**

Rero, urupfu ni igihe umwuka wawe n'ubugingo bizatandukana n'umubiri.

2. **Urupfu rwo mumwuka. Urupfu rwo muburyo bw'umwuka ni urupfu ugira iyo ukiri inaha kwisi. Uba utandukanijwe n'Imana nta mahoro n'ibyishimo ufite nonaha. Mubugingo bwawe imbere haba harimo ubusa.**

   Umubiri wawe ni muzima ariko imbere muri wowe ntiwishimye.

3. **Urupfu rw'iteka. Ibi ni ugutandukanywa n'Imana by'iteka ryose. Iki ni cyo kintu kibi gikabije kubujyanye n'irimbukiro. Ahantu imana idatura.**

Ikuzimu ni ahantu h'umubabaro. Yesu yagaragaje ikuzimu nk'ahantu h'umuriro. Ahantu umuriro utajya uzima. Yise ikuzimu 'Inyanja y'umuriro' yavuze ibyo gushinyagurirwa' muri ibi birimi by'umuriro'.

Bamwe bizera ko ari ahantu h'ikigereranyo ariko hatari ahantu nyakuri. Niba ari igishushanyo gusa cy'ikintu cy'ukuri noneho ikuzimu hashobora kuba ari habi cyane kurusha ibi.

Ikuzimu hagenewe satani n'abadayimoni. Ikuzimu ntiharemewe abantu. Haremwe n'Imana hagenerwa satani n'abadayimoni be. Imana ntishaka ko yaba wowe cyangwa undi uwo ari we wese kujya ikuzimu.

Nuramuka ugiye ikuzimu nyuma yo gupfa bizaba bitewe nuko wahisemo kwanga kwakira kristo nk'umwami n'umucunguzi wawe.

Kristo yararimbutse akiri mwisi, igihano, yaciriwe urubanza rwo kwishyura ibyaha byawe, igihembo cy'icyaha ni urupfu. Yarapfuye anishyura icyo iyo mpongano kubwawe, no mu kimbo cyawe. Uramutseumuhaye ubuzima bwawe, azakubabarira kandi agukize.

Nuko rero Yesu yatanze impamvu eshatu zatuma ukenera kubyarwa ubwa kabiri.

Ikibazo noneho ni iki: NI GUTE WABYARWA UBWA KABIRI.

Yohana 3:16 haravuga, Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.

Ni gute habaho kuvuka ubwa kabiri. Ijambo ry'ifatizo muri uyu murongo ni' kwizera'

Hari imyemerere y'uburyo bubiri muri bibiliya.

A. Imyemerere ishingiye kubwenge. Na satani agiri ubu bwoko bw'iyi myemerere. Yizera imana. Yizerera muri yesu. Yizera ko Yesu yabyawe n'isugi. Yizera ko Yesu yapfuye kumusaraba kubw'icyaha. Yizera ko Yesu yazutse mubapfuye.

Satani yizera ariko mubwenge gusa (mu mutwe). Ntabwo akijijwe. Yakobo 2: 19 haravuga ngo'Wizera yuko Imana ari imwe rukumbi. Ibyo ni byiza, ariko abadayimoni na bo barabyizera bagahinda imishyitsi.

B. Kwizera byo mumutima. Niwizera biturutse mu mutima, urakizwa.

Abaroma 10:9 Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa.

Kwizera biturutse mumutima bisaba kwiyemeza. Ushobora kuba ufite intebe wakunda kwicaramo. Ushobora guhagarara iruhande rw'intebe umunsi wose hanyuma ukavuga uti, nizeyeko nindamuka nyicayemo baza kuyinkuramo.

Ariko ibyo ni ukwemera ko mumutwe gusa.

Kwemera ko mumutima ni igihe wicaye mu ntebe. Wahaye ubuzima bwaweiyo ntebe. Wizeye iyo ntebe kugirango ifate ibiri byawe.

Abantu benshi bashobora kumara amanywa n'ijoro bavuga' nizeye yesu' ariko utaraha ubuzima bwawe yesu ngo abe umwami n'umukiza wawe ntabwo urakavuka ubwa kabiri.

Ibyo bisobanura gutera umugongo ibindi bigirwamana, ibishushanyo bisengwa, imyuka, gusenga abakurambere, ibyaha byawe, kutishingikiriza ubuzima bwiza ufite, cyangwa imirimo myiza ukizera gusa yesu nk'umwami n'umukiza wawe.

Bisobanuye ko wakiriye Kristo mubuzima bwawe, ngo abe Umwami n'Umukiza, abe Shobuja, akaba Imana rukumbi y'ubuzima bwawe.

Umwanzuro:

Ukeneye kuvuka ubwa kabiri? Urashaka kumenya ko ibyaha byawe byababariwe?

Urashaka kumenya ko igihe kimwe nupfa uzajya mw'ijuru?

Niba aribyo, wabishobora biciye mukwizera no gusenga wakira (utumira) kristo mubuzima bwawe nonaha.

Bibiliya iravuga ngo, kuko umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa. Abaroma 10:13

Akira Kristo mubuzima bwawe! Biciye mukwizera ushobora gusenga ukanaha ubuzima bwawe kristo nonaha.

Mwami, nizeye ko uri umwami n'umukiza. Nonaha, ubuzima bwanjye ndabuguhaye. Ngwino mu mutima wanjye ube umwami n'umukiza. Urakoze mwami kumva isengesho ryanjye no gukiza ubugingo bwange. Amen!''

UMUTWE WA KABIRI

INYIGISHO Y'UBWISHINGIZI BW'ITEKA

INYIGISHO Y'UBUZIMA BW'ITEKA.

Yohana 17:3

Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo.

Iriburiro

Uyu munsi hari urujijo rushingiye kukijyanye n'ubwishingizi bw'iteka. Muyandi magambo, umunsi wakijijwe uba uzahora ukijijwe?

Ni ikintu kingenzi ko umwizera wese afite isezerano ry'ubugingo bw'iteka.

Niba utizeye ubuzima bw'iteka noneho ntibizashoboka ko ugira amahoro, ibyishimo n'imbaraga zo kubaho ubuzima bw'ububutsinzi bwa gikristo.

Niba wizera ko ushobora gutakaza agakiza ushobora no kuba utazi neza niba unakijijwe. Byashingira kuki kugirango utakaze agakiza kawe?

Hari ibyaha byatuma utakaza agakiza kawe? Niba Bihari ni ibihe?

Hari ibindi byaha byatuma udatakaza agakiza kawe? Niba Bihari ni ibihe?

Niba wizera ko ibyaha bimwe byatuma utakaza agakiza kawe naho ibindi byaha ntibitume ugatakaza noneho bivuze ko uri mugice cyaho ibyaha bimwe ubyemerewe ibindi ukaba utabyemerewe.

Icyongeyeho, nanone wizera ko wakijijwe n'ubuntu bw'Imana ariko nanone uracyakomeje gukizwa n'umuhate wawe n'ibikorwa byawe. Haba hari uwakijijwe nuko akora imirimo myiza?

Tuziga iyi nyigisho y'ingenzi tugaragaze icyo ijambo ry'Imana ryigisha twifashishije ibi bibazo bine byingenzi.

I. UBUGINGO BW'ITEKA NI IKI?

Icyambere, reka twige icyo ubuzima bw'iteka aricyo. Abantu benshi batekereza ko ubuzima bw'iteka ari ukubaho kw'iteka. Sibyo. Icyo ni umusaruro wo kugira ubugingo bw'iteka.

Yesu yasobanuye icyo ubugingo bw'iteka aricyo muri yohana 17: 3. Yesu yaravuze ati''Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo''.

Ijambo ry'urufatiro muri uyu murongo ni '' kumenya''. Ijambo, '' kumenya'' riganisha kubusabane bwite. Itangiriro 4:1 haravuga ngo, Kandi uwo mugabo atwika Eva umugore we inda, abyara Kayini aravuga ati "Mpeshejwe umuhungu n'Uwiteka."

Muri iyi nkuru ijambo'' kumenya'' ryerekeranye n'ubusabane bwo mumibonano mpuza bitsina hagati y'umugabo, Adam n'umugore we Eva. Adamu atwika Eva umugore we inda abyara umuhungu amwita Gahini.

Iyo umugabo n'umugore bakoze imibonano mpuzabitsina, aba bantu bombi bahinduka UMWE. Rero, ubuzima bw'iteka ni igihe uhindukaumwe n'imana nayo igahinduka imwe nawe. Intumwa pawulo yakoresheje interuro'' muri kristo''. Turi ''muri kristo'' kandi na kristo ari '' muri twe''.

Nuko rero, ubuzima bw'iteka ni ukugira ubusabane bwihariye n'imana biciye muri kristo yesu umwami n'umukiza wacu. Iyo hari uhaye ubuzima bwe kristo ngo abe umwami n'umukiza we, umwuka wera aza mubuzima bwe. Agahinduka umwe n'Imana. Akagira ubusabane bwite n'Imana.

Umusaruro w'ubu busabane bwite n'Imana ni ukubaho iteka mw'ijuru nyuma yo gupfa. Ni ubusabane butazashira.

II. IJAMBO ITEKA RYOSE BIVUZE IKI?

Yohana 3:16 haravuga ngo ‘’Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho’’.

Dushobora gusoma iri jambo tukavuga ngo….ahubwo bagire ubuzima kugeza icyumwerugitaha?...kugeza umwaka utaha?....kugeza igihe uzongera gucumura?

Oya, uyu murongo uravuga ngo,’’ubugingo buhoraho’’

Buhoraho bisobanuye buhoraho. Ibyo bisobanuye bw’iteka. Muyandi magambo, iyo Imana igukijije ni iby’iteka ryose. Abaroma 8:1”.Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho.

III. NI IBIKI BIVUGWA MU BAHEBURAYO 6: 4-5

Kuko bidashoboka ko abamaze kuvirwa n’umucyo, bagasogongera impano iva mu ijuru, bakagabana ku Mwuka Wera,bakanasogongera ijambo ryiza ry’Imana, n’imbaraga z’igihe kizazamaze bakagwa bakavamo, ntibishoboka kongera kubahindura bashya ngo bihane, kuko baba bongeye kwibambira Umwana w’Imana, bakamukoreza isoni ku mugaragaro.

Itegereze neza, bibiliya irikwerekeza ‘’ku mpano iva mwijuru’’ yagombaga kuba Kristo.

2 abakorinto 9:15 haravuga ngo, Imana ishimirwe impano yayo nziza itarondoreka.

Ariko iyi mpano, Kristo, ntabwo yakiriwe ahubwo yarasogongewe., yari umusogongero gusa.

Ubuzima bw’iteka bobonerwa mukwakira iyi mpano, Kristo, bitari ukumusogongera gusa. Ni nko gusogongera kubiryo ariko ntubihekenye ngo ubimire. (McArthur, Hebrews).

Yeremiya yaravuze ati, '' Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye, kuko nitiriwe izina ryawe Uwiteka Mana Nyiringabo''. Yeremiya 15:16

Abantu benshi bafata uyu murongo muburyo butaribwo ko bngo bisobanuye ko uwo ashobora gutakaza agakiza. Ariko igitandukanye nicyo cy'ukuri.

Ni umurongo usobanura ko bidashoboka gutakaza agakiza kawe kubera ko niba wabishobora, noneho yesu yaba yakongera kukubambwirwa kugira ngo wongere ukizwe. Aravuga ko ari ikidashoboka.

Muyandi magambo, ijambo ''niba'' ni nko'' mu bidashoboka''

Mumvugo yoroheje, ''niba byarashoboka gutakaza agakiza noneho byaba ari n'ibidashoboka ko wakongera ugakizwa.

Nuko, aravuga ati icya mbere, nuko ari ikidashoboka gutakaza agakiza kawe kubera ko kristo yakongera akagupfira kumusaraba kugirango yongere agukize. Ibyo ntibishoboka kuri Kristo, ubwo rero ntibishoboka gutakaza agakiza kawe.

IV. NIBA UMUNTU UKIJIJWE AGUYE MU CYAHA?

Biragoye kubona muri bibiliya umuntu utaraguye mu cyaha muburyo bumwe na bumwe mubuzima bwe.

Adam na Eva bakoze icyaha mubusitani bwa Eden.

Nowa amaze kuva mubwato yaranyoye arasinda.

Aburahamu yahaye umugore farawo.

Mose yararakaye cyane ajugunya anamena amategeko icumi

yarasambanye anicisha umugaba w'ingabo kurugamba

Petero yihakanye yesu inshuro eshatu mbere yuko yesu abambwa.

Tomasi yashidikanyije ko Yesu yazutse mubapfuye nyuma yuko bagendanye imyaka itatu.

Timoteyo yateye umugongo paul murugendo rwe rwa mbere rw'ubumisiyoneri.

Nta buryo nabumwe Imana yavuze ko uwo ariwe wese muri aba bagabo b'Imana ko batakaje agakiza.

Noneho rero, bigenda bite iyo umuntu ukijijwe aguye mukigeragezo akanacumura.

Icyambere, Imana izamukosora. Umwanditsi w'iki gitabo, pastor Thomas, yarafite abana batatu. Umunsi yabwiye umuhunguwekudakora ikintu. Umwana we aramusuzugura. Pastori Thomas yashoboraga kwirukana umwana we murugo akanamuca mumuryango burundu.

Yashoboraga kuvuga ati: '' muhungu wanjye'' nakubwiye icyo gukora ariko uhitamo kutanyumvira. Niyo mpamvu ngusaba gusohoka muri iyi nzu ukanava mumuryango burundu''

Ubu, ninde washobora gukorera ibyo umwana we''

Ni iki Pastori Thomas yakora? Yiyambuye umukandara maze aravuga, '' mwana, ntiwanyumviye. Nuko rero, kubera ko ngukunda cyane, ngiye kugukubita. Ndashaka ko ukura ukaniga uburyo kubaha abagukuriye. Ibi mbikoze kubera ko ngukunda kandi ndashaka ko wiga kubaha.

Abahubeburayo 12:5. '' Mwana wanjye, ntugasuzugure igihano Uwiteka ahana, Kandi ntugwe isari nagucyaha,

Umorongo wa 06 Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be."

UKO BIKORWA: Ibi bisobanuye iki. Iyo waguye mucyaha ugakomeza kuba muri cyo imana izaguhana kandi inaguhugure NIBA warakijijwe. Niba koko uri umwana w'Imana, izagucyaha kugeza igihe wihaniye ukayigarukira.

ushobora kwibaza uti: ‘’ese umuntu avuze ko yakijijwe, akagwa mu cyaha kandi ntiyihane, ntagarukire Imana’’?

Abaheburayo 12:7 haravuga, Nimwihanganira ibihano, muba mugaragaje ko muri abana b’Imana. Mbese ni mwana ki udahanwa na se? Imana idufata nkabana bayo. Ninde mwana udahanwa na se?

Umurongo wa 08- “ARIKO NIBA MUDAHANWA NK’ABANDI BOSE, NONEHO MUBA MURI IBIBYARWA MUTARI ABANA NYAKURI.

Muyandi magambo Imana iri kukubwira ngo, ushobora kuvuga ko ukijijwe, wavutse ubwa kabiri, ariko niba ugwa mucyaha ntiwihane, ntiwakire gucyaha kw’Imana, uba wishukashuka ubwawe. Hatitawe kuby’ uvuga, ntabwo wigeze ukizwa by’ukuri.

Niba muby’ukuri ukijijwe, hanyuma ukagwa mu cyaha, rimwe na rimwe uzabona igihano, wihane maze ugarukire Imana. Niba Atari ibyo, ntabwo muby’ukuri wigeze ukizwa kunshuro ya mbere.

UMWANZURO

Mugitabo cy’Abaheburayo bibiliya itubwira ko hari ibintu bine bidashoboka:

1. **Ntibishoboka ko Imana ibeshya 6:18**
2. **Ntibishoboka ko amaraso y’ihene n’intama ko akuraho icyaha. 10: 4.**
3. **Utizera ntashobora kunezeza Imana. 10: 6**
4. **Ntibishoboka gutakaza agakiza. 6:4-5**

Bibiliya yigisha ko agakiza kagaragara igihe kristo yinjiye mubuzima bwawe. Igihe uvutse ubwa kabiri ukakira ‘’ubuzima bw’iteka’’ bitari ukugeza igihe wongeye gucumura. Ni iby’iteka. Ni ibyaburundu. Niba ushobora gutakaza agakiza ubwo bivuze ko atari ‘’ubuzima bw’iteka’’.

Nanone bibiliya yigisha ko udashobora kwikiza ubwawe.

Abefeso: 2: 8 haravuga ngo, Mwakijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni IMPANO y’Imana.

Umurongo wa 09Ntibyavuye NO KU MIRIMO kugira ngo hatagira umuntu wirarira,

1- Ntiwakwikiza icyaha bitewe no gukora imirimo myiza. Ni impano Imana iguha. Ni kubw'ubuntu bw'Imana. Bisobanuye ko wahawe impano y'ubugingo bw'iteka utigeze ubukorera kandi utari ukwiriye. Wakijijwe kubw'ubuntu.

2- Ntiwakomerezwa mugakiza no gukomeza gukora imirimo myiza. Ntiwigeze wikiza kubw'imirimo myiza ukora hanyuma ngo ukomeze gukizwa n'imirimo myiza. Mwakijijwe KUBW'UBUNTU kandi muzakomeza gukizwa N'UBUNTU

Yesu yaravuze ati: Intama zanjye zumva ijwi ryanjye nanjye ndazizi, zirankurikira nanjye nkaziha ubugingo bw'iteka, KANDI NTIZIZARIMBUKA NA GATO kandi ntawuzazivuvunura mu kiganza cyanjye.

Data wazimpaye aruta bose, nta wubasha kuzivuvunura mu kuboko kwa Data.
(Yohana 10:27-29).

Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsi wa Yesu Kristo Abafilipi 1:6.

Ni IMANA igukiza kandi ni Imana IKOMEZA kukurindira mugakiza. Ntiwakwikiza kandi ntiwanirindira mu gakiza.

1Petero wa 1:3 Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari na yo Se, ishimwe kuko yatubyaye ubwa kabiri nk'uko imbabazi zayo nyinshi ziri, kugira ngo tugire ibyiringiro bizima tubiheshejwe no kuzuka kwa Yesu Kristo,

04--"tuzabone umurage UTABASHA KUBORA CYANGWA KWANDURA CYANGWA KUGAJUKA, ari wo namwe mwabikiwe mu ijuru,

05--“mwebwe ABARINDWA N’IMBARAGA Z’IMANA ku bwo kwizera, murindirwa agakiza kiteguwe kuzahishurwa mu gihe cy’imperuka.

Umwanzuro ni uku kuri: twakijijwe kubw’ubuntu n’imbaraga kandi turindirwa mu gakiza kubw’ubuntu n’Imbaraga z’Imana. Byose ni Imana kuva mw’itangira kugeza mw’iherezo. Imana irakiza, Imana ikomeza kukurindira agakiza! Ibyo ni Ubuntu!

Urakijijwe. Muby’ukuri urabizi neza ko ukijijwe. Niba ufite gushidikanya, ubu nonaha ushobora gusenga wakira yesu akinjira mubuzima bwawe.

Wifuza gutera umugongo ibyaha byawe ukareka yesu akayobora ubuzima bwawe?

Urashaka guha kristo ubuzima bwawe?

Niba aribyo, noneho senga, nonaha usabe yesu kristo kuza mumutima no mubuzima bwawe. Aragukiza!

UMUTWE WA GATATU

IMANA IMEZE ITE?

INYIGISHO KU MANA

IRIBURIRO

Hinduism ifite imana nyinshi. Baramya inka, imigezi, amabuye n’izindi nyinshi, ibishushanyo bisengwa byinshi. Iyo hagize ujya mucyaro cyo mu buhinde nta torero ashobora gusangayo iryo ari ryo ryose-keretse ibishushanyo bisengwa byakozwe n’intoki z’abantu.

Buddism, icyambere ntabwo yizera imana. Bizera ko hari intambwe 7 wakurikiza kugirango ujye ahantu hitwa Nirvana. Nirvana ni iki? Ni ahantu aho uhinduka ‘’ ntacyo’’ keretse igihe wabaye ‘’ntacyo’’ nibwo

ushobora kugira amahoro. Niba utabikoze nonaha muri ubu buzima, nyuma uzabugarukamo wongere ugerageze.

Isilamu yizera Imana imwe ariko Imana yabo siyo mana dusanga muri bibiliya. Imana yabo ni Allah. Mu gihugu cya Arabiya sawudite mu gihe cya Muhamadi, mu myaka 50 nyuma ya Yesu kristo, hari agasanduku kanini cyane kumukara. Abantu baturutse impande z'isi bazaga kuramya igishushanyo cyari muri ako gasanduku.

Muhamadi yigishije ko hari Imana imwe. Ariko, muri ako gasanduku harimo igishushanyo cy'imana cy'ukwezi. Icyo gishushanyo cy'imana cy'ukwezi cyahawe izina, Allah.

Noneho rero,ubwo yashingaga idini ya isilamu yafashe izina ry'ikigirwamana cy'ukwezi cyari muri kagasanduku ayita Allah. Buri musigiti wose kwisi kugasongero hari igice cy'ukwezi.

Izi zose n'izindi mana, zaremwe n'abantu. Imana yo muri bibiliya ninde?

Turabona ibintu bitanu biranga imana ivugwa muri bibiliya.

I. HARIHO IMANA IMWE GUSA

Isilamu yigishako hariho abakirisitu bizera Imana eshatu. Ariko, bibiliya yigisha ko hari IMANA IMWE, atari eshatu.

Jye kubwanjye, (jyewe, umwanditsi w'iki gitabo) sindigera mpura n'umukristu wizera Imana eshatu.

Abakristu bizera ubutatu. Imana ni imwe m'ubutatu: Data, Son, n' Umwauka wera.

Dushobora gusobanukirwa ibi? Oya! Ibitekerezo by'umuntu ntibishobora gusobanukirwa byose kumana. Niba twabishobora ubwo Imana yacu yaba ari ntoya cyane.

Rimwe (jyewe umwanditsi w'iki gitabo) nari mu gihugu cya Cuba. Cuba ni igihugu cy'abakomuniste babahakanyi. Mu mashuri yose, abanyeshuri bigishwa ko nta Mana ibaho.

Uburyo isi y'abahakanyi ibibona, kubwabo Imana ntiyaremye isi. Isi yabayeho biturutse kw'iturika ry'isanzure na Big bang hanyuma isi ibaho nk'ingaruka zishingiye kuri iryo turika. Ibyo byabayeho kubw'impanuka hatagenderewe impamvu iyo ariyo yose cyangwa igisobanuro.

Bizera ko umuntu yabayeho biturutse ku nyamaswa. Ibyo nibyo abanyeshuri bigishwa mubihugu by'abakomuniste.

Ijoro rimwe, Igihe twacaga muri icyo gihugu n'imodoka, twarahagaze ngo dushyiremo gaze. Nahuye n'umugabo mubaza kubujyanye n'ibyo yizera ku Mana. Avuga ko atizera imana ko ibaho.

Hari mw'ijoro, ukwezi kwose kwaravaga, Namusabye kureba hejuru kubicu hanyuma mubwira ibi.

"Buri gitondo izuba rirarasa hanyuma izuba ryitaruye isi kuntera ihagije kugirango ritadutwika ibyo bikaba buri munsi''.

"Buri joro ukwezi kurava kandi kuba ku ntera ihagije uvuye kw'isi kugirango kuturinde n'umwijima cyangwa kurengerwa n'umuraba w'inyanja''.

Namusobanuriye uburyo isanzure ryose ryaremwe muburyo butunganye. Tuzengurutswe n'izuba. Ndetse n'imibiri yacu yaremwe muburyo butunganye bityo uturemangingo twose tw'imibiri yacu dukora muri gahunda.

Gahunda y'isanzure ndatse n'imibiri yacu itubwira ko hagomba kuba hariho umuremyi.

Byakoroha cyane wizera ko umuntu yafashe bombe(igisasu) agatwika inzu y'ibitabo ikagurumana. Hanyuma nyuma yo kugurumana impapuro zose z'ibitabo zikagaruka zikiteranya zikishyira kuri gahunda. Ibyo ntibyakunda.

Kwizera ko ibyaremwe byose byabayeho kubw'iturika bikaza kubw'impanuka byasaba kwizera kuruta kwizera ko nta Mana ibaho.

1:1). Umurongo wa mbere muri bibiliya uravuga ngo,

1. **Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi…(itangiriro :1:1)**

Bibiliya ntigerageza gutanga ibimenyetso byo kubaho kw'Imana. Itubwira gusa nkaho ari ihame ryuko Imana iriho. Ni ihame.

1. **Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi…(itangiriro :1:1)**

Imana yashyize mu muntu ubwenge karemano no gusobanukirwa yuko ibaho kandi ari Umuremyi.

Abaroma 1:19- "kuko bigaragara ko bazi Imana, Imana ikaba ari yo ubwayo yabahishuriye ubwo bwenge,

20--"kuko ibitaboneka byayo ari byo bubasha bwayo buhoraho n'ubumana bwayo, bigaragara neza uhereye ku kuremwa kw'isi, bigaragazwa n'ibyo yaremye kugira ngo batagira icyo kwireguza,

21-kuko ubwo bamenye Imana batayubahirije nk'Imana, habe no kuyishima, ahubwo bahinduka abibwira ibitagira umumaro, maze imitima yabo y'ibirimarima icura umwijima

22--"Biyise abanyabwenge bahinduka abapfu

23---"maze ubwiza bw'Imana idapfa babuhindura ibishushanyo by'abantu bapfa, n'iby'ibiguruka, n'iby'ibigenza amaguru ane, n'iby'ibikururuka.

24--"Ni cyo cyatumye Imana ibareka ngo bakurikize ibyo imitima yabo irarikiye, bakor ibiteye isoni bononane imibiri yabo,

25--“kuko baguraniye ukuri kw’Imana gukurikiza ibinyoma, bakaramya ibyaremwe bakabikorera kubirutisha Imana Rurema, ari yo ishimwa iteka ryose, Amen’’.

II. IMANA NI UMUNTU

Umuntu ashobora kugira amarangamutima, yakumva, yabona, yakunda, yavuga. Imana igira ibi byose.

Mu itangiriro igice cya mbere tubona inkuru y’iremwa. Imana yaravuze isi ibaho.

1:3- Hanyuma imana iravuga iti, ‘’habeho umucyo’’; umucyo ubaho. Aha turabona Imana ivuga.

Kenshi bibiliya ivuga mu gice cya 01 cy’itangiriro, ‘’ Imana iravuga, Imana iravuga, Imana iravuga’’….

Dushobora nanone kwibanda kukuntu Imana yabwiye Adam na Eva mubusitani. Imana yabwiye mose ndetsen’abahanuzi bose.

Imana ni umuntu ushobora kuvuga ndetse no kugira ibyiyumvo nk’abantu bose.

Igihe Imana yihinduraga umuntu kugirango ize ibane natwe yabyawe n’isugi, Mariya.izina ryeryari Yesu.

Yashoboraga kumva umubabaro, inzara, urukundo. Yashoboraga kuvuga, kumva, gukorakora no kumva uburibwe.

Igihe yabambwaga kumusaraba yaratatse cyane kubera uburibwe atakira se, ‘’ Data bababarire kuko batazi icyo bakora’’.

III. IMANA NI UMWUKA

Yohana 4:24 haravuga ngo, Imana ni Umwuka, n’abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri.”

Itangiriro 1:26 Imana iravuga iti "Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose."

Ibyo bivuze iki?

Ntabwo bivuze mw'ishuso ya kimuntu. Arimo kuvuga ishusho y'umwuka. Ibi byari umwuka, ubugingo, ubushake ndetse no kumenya kumuntu.

Urugero, Imana yahaye umuntu ubushobozi bwo gufata icyemezo. Agakoresha ubushake bwe. Iyi ni ishusho y'Imana.

Intare izica umuntu kandi ntihagire icyo biyibwira kuko idafite kumenya. Umuntu ntashobora kwica atumva kandi ngo anamenye ko ariho akora nabi.

Umuntu afite umutimanama. Iki nicyo bita kuremwa mw'ishusho y'Imana

Imana ntigira umubiri nkuw' umuntu. Ni umwuka. Niyo mpamvu ishobora kubera hose icyarimwe. Ntigira umupaka nk'abantu badashobora kubera hose icyarimwe.

IV. IMANA NI IYERA

Nta cyaha cyangwa gukiranirwa kuba mu Mana.

Yesaya 6:3Umwe avuga ijwi rirenga abwira mugenzi we asingiza ati "Uwiteka Nyiringabo arera, arera, arera. Isi yose yuzuye icyubahiro cye."

Yesaya yegereye intebe y'ubwami bw'Imana maze yitura hasi arataka cyane, '' Ndi nde ko ndi umunyaminwa yanduye''. (umurongo wa gatanu).

Ibyahishuwe 4:

Abamarayika baririmba urudaca amanywan'ijoro:

Umurongo wa 08- "UWERA, UWERA, UWERA, NIWE MWAMI MANA ISHOBORABYOSE,NIYO YAHOZEHO, IRIHO KANDI IZAHORAHO''

Umurongo 11- ''Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho kandi icyatumye biremwa ni uko wabishatse."

V. IMANA NI URUKUNDO

Muri iki gihe, hari idini rimwe kwisi ry' ''urwango''. Urwango kubatizera rwigishwa rukanabwirizwa buri cyumweru munsengero zabo. Kubera iki? Kubera ko mu myumvire yabo, Imana yanga abo bita ko ari abatizera. Batwita ''abapagani''

Imana yo muri bibiliya ni Imana y'urukundo. Urukundo rwayo ntirugira ikigombero. Muyandi magambo,ikunda buri wese bidakifite icyo bishingiyeho. Ntacyo wakorango ubuze Imana kugukunda.

Umwe ashobora kwanga Imana ariko izamwitura kumukunda. Umwe ashobora kuvuga ati, '' sinizera Imana'' Imana ikamwitura kumukunda.

Umwe ashobora kuba umushumba w'itorero. Imana ikamukunda. Umwe ashobora kuba Indaaaya. Imana ikamukunda.

Ntacyo wakora ngo uhagarike urukundo rw'Imana kuri wowe NTACYO.

Kubera ko idafite urukundo gusa ahubwo ari urukundo.

Amadini amwe namwe yigisha ko Imana igukunda ''iyo'' ugize imyitwarire runaka. Iyo siyo Mana bibiliya ivuga.

Yohana 3: 16 haravuga ngo, '' Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho''.

Imana ikeneye ubusabane bwite nawe!

Amadini yose arageregeza gukora ibintu byiza cyangwa kuba beza kugirango banezeze Imana maze nibapfa bazajye mw'ijuru byose ni iby'umuntu agerageza muburyo bwe, kugirango agree ku Mana ndetse no mw'ijuru.

Ubukristo nyabwo si idini. Idini ni imikorere iganisha kuguhabwa igkundiro kiva ku Mana.

Ubukristo nyakuri ni ‘’ubusabane’’… ubusabane bwihariye hamwe n’umuremyi Imana nzima.

Yohana 17: 3 Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y’ukuri yonyine, bakamenya n’uwo watumye ari we Yesu Kristo. Ijambo ‘’kummenya’’ ryerekeranye no kugira ubusabane bwihariye n’umuntu. Iyo uzi umuntu runaka nuko haba hari ubusabane mufitanye.

Cyangwa, uramuzi uko biri kwose. Imana ikeneye ubusabane bwite nawe kandi nonaha.

UMWANZURO

Uyu munsi, ushobora ‘’ kumenya’’ Imana. Ushobora kugira ubusabane bwite n’Imana ndetse n’ubuzima bw’iteka.

Ni gute bakira Kristo?

1. **Ihane. Ibi bisobanuye guha ubuzima bwawe kristo nk'umukiza n'Imana yawe.**
2. **Kwizera. ibi bivuze kwemera ko Kristo yapfiriye ibyaha byawe, yashyinguwe, akanazuka mubapfuye ku munsi wa gatatu. Ariko kubyizerera mumutwe wawe ntibihagije. Kuko na satani mu bwenge bwe yizera Yesu.**

Kwizera bibiliya ivuga ni igihe uhaye ubuzima bwawe Kristo akaba umwami n'umukiza wawe.

Biciye mu kwizera, ushobora guhamagara kristo kwinjira mumutima wawe, akakubabarira ibyaha byawe, agahindura ubuzima bwawe ndetse akanaguha ubuzima bw'iteka.

Abaroma 10:13 haravuga ngo ''kuko umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa''. Iyo wambaje izina ry' umwami kuza mumutima wawe uramwakira.

Yohana 1: 12 haravuga ngo, ''Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana''.

Ushobora gukora ibi nonaha usaba kristo kuza mubuzima bwawe. Hanyuma'' uzamenya'' Imana yukuri, nzima, Imana umuremyi.

Senga, usaba kristo kwinjira mubuzima bwawe nonaha!

UMUTWE WA KANE

YESU KRISTO NINDE?

INYIGISHO KURI YESU KRISTO

IRIBURIRO

Ikibazo cy'ingenzi cyane mw'isi ni, '' Yesu Kristo ninde''?
Yesu kristo yari umuhanuzi gusa?
Kristo yesu yaba yari umuhanuzi wa isirayeri gusa?
Yesu kristo yari umuntu mwiza gusa?
Ese yesu kristo yaba yari umuntu wigisha imyitwarire myiza, wo kumenya icyiza cyangwa ikibi?

Igisubizo cy'iki kibazo kiratugaragariza aho uzamara iteka.
Hari amahitamo atatu gusa.

A. Yesu yari umuntu w'umusazi

Yesu yiyitaga Imana. Niba muby'ukuri koko yari Imana kandi Atari yo, noneho ubwo yari umusazi.

B. Yesu kristo yari umubeshyi.

Yesu yigishaga ko ari Imana. Niba koko atari Imana, ashobora kuba yari umubeshyi.

C. Yesu kristo yari Imana yigize umuntu. Yari Imana! Iyi niyo yiyitaga. Yiyitaga Imana.

Noneho, buri wese akwiye guhitamo. Yesu kristo yari nde?

Reka twige ukuri kwa bibiliya kuwo yesu Kristo ariwe.

I. YESU KRISTO YARI IMANA
II. YESU KRISTO YARI UMUNTU

III. YESU KRISTO NTACYAHA YAKOZE
IV. YESU KRISTO NI UMWAMI N'UMUKIZA WACU
V. YESU KRISTO YAZUTSE MUBAPFUYE
VI. YESU KRISTO AZAGARUKA

I. YESU KRISTO YARI IMANA

Ijambo ry'Imana ritugaragariza ko yari Imana

Yohana 1:1 haravuga ngo,''Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana''.

Ijambo ''JAMBO'' risobanuye iki? Ni iki rivuze?

Icyambere, zirikana ko JAMBO yahozeho. Muyandi magambo, JAMBO yari IMANA. JAMBO yari uwiteka ryose. JAMBO ntagira itangiriro kandi JAMBO ntazagira iherezo. Ni UWITEKA RYOSE.

Icyakabiri, JAMBO yabaye umuntu.

Yohana 1:14 haravuga hati,'' Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri''. Muyandi magambo, JAMBO yabaye umuntu abana natwe.

Nuko rero, IMANA yabaye umuntu ibana natwe. Uwo ni YESU KRISTO.

Yohana nanone aravuga ngo, '' (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri'' (umurongo wa 14.)

Kuvuka kwa yesu abyawe n'isugi bitwereka ibintu bibiri byuko Yesu yari Imana akaba n'umuntu. Nta muntu usanzwe ubyarwa n'isugi.

II. YESU YARI UMUNTU.

Muyandi magambo, Imana yambaye umubiri. Ihinduka umuntu.

Bamwe bizera ko Mariya yatwaye inda hanyuma agahimba iyi nkuru kugirango yirinde igisebo. Icyakora, ntibyari gushoboka ko yozefu bendaga kubana ko abyemera, hanyuma aramurongora.

Mw'itangira ntabwo yigeze amwizera, hanyuma, ahitamo kumubenga rwihishwa.

Matayo 1:19 haravuga ngo, '' Umugabo we Yosefu kuko yari umukiranutsi kandi adashaka kumukoza isoni ku mugaragaro, yigira inama yo kumubenga rwihishwa''. (Bateganyaga kubana ariko yari ataramurongora).

Hanyuma, Akibitekereza, marayika w'Umwami Imana amubonekera mu nzozi ati "Yosefu mwene Dawidi, witinya kurongora umugeni wawe Mariya, kuko imbuto imurimo ari iy'Umwuka Wera.

Azabyara umuhungu uzamwite YESU, kuko ari we uzakiza abantu be ibyaha byabo." (Matayo 1: 20-21)

Bibiliya ivuga ko yesu yakuriye mubantu.

Luka 2:40 hati, '' Nuko uwo mwana arakura, agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge kandi ubuntu bw'Imana bwari muri we''. Yesu

yavukiye I Beterehemuho mumajyepfo ya Isiraheri (yudeya) ariko mubwana bwe akurira mumujyi wa Nazareti (Isirayeri).

Umugabo wa nyine, Yozefu, yari umubaji. Amaze kugira imyaka 12, Yozefu na Mariya bamujyana I Yerusaremu aho urusengero rwabaga.

Luka 2:21 hagira hati, '' Nuko iminsi munani ishize arakebwa bamwita Yesu, rya zina ryari ryaravuzwe na marayika, nyina atarasama inda ye''.

22- Iminsi yo kwezwa kwabo ishize, bakurikije amategeko ya Mose, bamujyana i Yerusalemu ngo bamumurikire Umwami Imana,

III. YESU NTIYAGARAGAWEHO N'ICYAHA.

Kuki Yesu yabyawe n'Isugi?

Impamvu nuko icyaha cyazanywe n'umuntu. Abaroma 5:12 haravuga hati,'' Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi N'UMUNTU UMWE, urupfu rukazanwa n'ibyaha, ni ko urupfu rugera ku BANTU BOSE kuko bose bakoze ibyaha.

Yesu ntiyavukanye icyaha. Kuko atigeze agira se wo mumubiri. Icyaha cyinyura mumugabo si mumugore.

Nuko rero, yesu ntiyigeze asuzugura ababyeyi be.

Yesu ntiyigeze abeshya abeshya.
Yesu ntiyigeze yiba.
Yesu ntiyigeze ararikira.
Yesu ntiyigeze asambana.
Yesu ntiyigeze ararikira iby'abandi.
Yesu ntiyigeze agira ishyari.
Yesu ntiyigeze agira uburakari bushingiye kugukiranirwa.

Yesu ntiyigeze agira ubwibone.
Yesu ntiyigeze aba nyamwigendaho.
Yesu yageragejwe na satani ariko ntacyaha cyakoze.
Yesu yari umukiranutsi wuzuye.
Yesu yaraboneye.
Yesu yareraga.
Yesu yari Imana yambaye umubiri!

IV. YESU NI UMUKIZA

Abakorinto 5:21 hati, '' kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana''.

Ibi bisobanuye ko Yesu kristo we wari intungane ndetse n'umukiranutsi yapfuye kumusaraba anamena amaraso ye. Igihe Yesu yapfaga kumusaraba Imana yamushyize gukiranirwa kwacu kwose.

Yesaya 53: 6 haragira hati, '' Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese''.

Data wo mwijuru yabazeho yesu Ibyaha byawe nanjye.
Yesu yahaniwe ibyaha ibyaha wakoze.
Yesu yaciriwe urubanza rw'ibyaha wakoze.
Yesu yabazeho ibyaha wakoze.

Yohana 1:29, '' Bukeye bw'aho abona Yesu aza aho ari aravuga ati "Nguyu Umwana w'intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi''.

Yesu ni umukiza wacu

V. YESU NI UWITEKA WACU!

Nanone Yesu ni Uwiteka wacu. Ibi bisobanuye ko Yesu ari Umwami wacu. Yesu niwe Databuja. Yesu turi abe. Yesu niwe ugenga ubuzima bwacu.

Kuba Yesu ari umwami wawe, bisobanuye ko wamuhaye gutwara ubuzima bwawe bwose.

Kugira ngo ukizwe, ugomba guha ubuzima bwawe Yesu nk'umwami kandi ukamwizera nk'umucunguzi wawe.

Abaroma 10: 9 hati, '' Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari UMWAMI, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa'',

VI. YESU YAZUTSE MUBAPFUYE

Bibiliya itubwira ko nyuma yahoo yesu apfiriye kumusaraba yishyura ibyaha byacu, yashyinguwe hanyuma akazuka mubapfuye nyuma y'iminsi itatu.

1 Abakorinto 15: 3-4 haravuga ngo,'' Muzi ko nabanje kubaha ibyo nanjye nahawe kumenya, yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byaribyaranditswe, agahambwa akazuka ku munsi wa gatatu nk'uko byari byaranditswe na none'',

UMWANZURO

Ikibazo ni iki, yesuni umwami n'umukiza wawe? Ushobora kwakira Kristo mumutima wawe none.

Icyambere, ihane ibyaha byawe. Ibyo bivuze, kugira ubushake bwo kureka ibyaha byawe hanyuma ukemerera Imana kukuyobora, igahindura ubuzima bwawe ikaba umutware wawe.

Icyakabiri, izere kristo. Ibi bivuze ko utizeye kristo gusa n'ibyo yakoze kumusaraba apfira ibyaha byawe ahubwo ha ubuzima bwawe kristo.

Mukwizera, ushobora gusenga ukakira yesu mubuzima bwawe nonaha akaba umwami n'umukiza wawe.

UMUTWE WA GATANU

UMWUKA WERA NINDE?

INYIGISHO KU MWUKA WERA

Yohana 16:7

“Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohererereza’’.

IRIBURIRO

Tekerezo uko abigishwa bamerewe bamaze kubona ko Yesu agiye kubambwa. Baragendanye bagakorana umurimo nawe imyaka itatu. Yari umuyobozi wabo. Barasize byose bakamukurikira. Bari bishingikirije kuri we.

Bari baramwumvise abwiriza anigisha. Bari baramubonye akora ibitangaza byinshi.

Yazuye abapfuye. Yigishaga gukundana aho kwangana. Yabigishije ukuri kubijyanye n’ubwami bw’Imana.

None, yaragiye gupfa. Yaragiye kubasiga. Bari babaye ntabyiringiro bafite.

Yesu ababa isezerano. Igihe yesu asezeranyije arinda iesezerano rye. Yarinze ijambo rye.

Ni iki yasezeranije?Yasezeranije, ‘’“Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohererereza’’. Yohana 16:7

Yesu arababwira ati, ‘’Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose’’, (yohana 14:16)
Kuva Yesu yaragiye akohereza Umwuka Wera, ni ihame ntakuka ko bakurikira kristo bazi uwo Umwuka Wera ariwe, n’ icyo akora.

I. UMWUKA WERA NINDE?

A. Umwuka wera ni Umuntu!

Abantu bamwe bamwerekana nk'''ikintu''. Ntituvuka Yesu nk'''ikintu''. Ikintu si Umuntu.

Yesu yavuze kubyo kubatiza abizera bashya,'' mubabatize mw'izina rya Data, Umwana n'Umwuka wera''. Bose uko ari batatu ni abantu bagize ubutatu.

Umwuka Wera nawe agira Ibitekerezo n'ubushake. 1 Abakorinto 2: 11 higisha ko umwuka wera atanga impano z'umwuka uko ''ashaka''. Ni abantu gusa bagira ibitekerezo n'ubushake.

B. UMWUKA WERA NI IMANA

Tuziko Umwuka Wera ari Imana kubera ko hari ibintu bine abarwaho, kandi bikaba bifitwe n'Imana gusa.

C. Umwuka Wera ni Uwiteka

Abaheburayo 9:14 haravuga ngo, '' nkanswe amaraso ya Kristo witambiye Imana atagira inenge ku bw'Umwuka w'iteka, ntazarushaho guhumanura imitima yanyu akayezaho imirimo ipfuye, kugira ngo mubone uko mukorera Imana ihoraho?''

Kuva Imana ari iy'iteka, bisobanuye ko Imana nta tangiriro nta n'iherezo ifite, kandi Umwuka Wera ni uw'Iteka turabizi, Umwuka wera ni Imana. Imana yonyine niyo ishobora kuba iy'Iteka.

D. Umwuka Wera abera hose icyarimwe.

Zaburi 139: 7-10 iti:''

7- "Ndahungira Umwuka wawe he? Ndahungira mu maso hawe he?

8- "Nazamuka nkajya mu ijuru uri yo, Nasasa uburiri bwanjye ikuzimu uri yo.

9- "Nakwenda amababa y'umuseke, Ngatura ku mpera y'inyanja
10- "Aho na ho ukuboko kwawe kwahanshorerera, Ukuboko kwawe kw'iburyo kwahamfatira.

Imana yonyine niyo ishobora kubera hose icyarimwe kuko Imana ari UMWUKA

Bibiliya yigisha ko Umwuka wera ahoraho, bisobanuye ko Umwuka wera ari Imana.

E. Umwuka Wera afite ubutware bwose.

Luka 1:35, "Marayika aramusubiza ati "Umwuka Wera azakuzaho, n'imbaraga z'Isumbabyose zizagukingiriza, ni cyo gituma Uwera uzavuka azitwa Umwana w'Imana.

Imana yonyine gusa niyo ifite ubutware bwose. Abatware, Abaperezida, Abanyagitugu n'Abami bakwibwira ko bafite imbaraga zose, ariko bose igihe kimwe bazapfa.

Bibiliya itubwira ko Umwuka Wera afite ubushobozi bwose bivugze ko ari Imana.

F. Umwuka Wera azi byose.

Yohana 14:26 hati, "ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose''.

Imana yonyine niyo izi byose. Imana izi ikintu cyose. Bibiliya itubwira ko Umwuka Wera azi byise, bisobanuye ko Umwuka Wera ari Imana.

Kuva Umwuka Wera arangwa n'ibi bintu bitatu bimeze kimwe n'ibiranga Imana, ubwo Umwuka wera ni Imana!

II. UMWUKA WERA N'ABAZIMIYE.

Umwuka Wera niwe RUFUNGUZO mukuzana abarimbuka kuri kristo. Akenshi dukora amakosa akomeye cyane mugutekereza ko twaganiriza cyangwa tugaha umuntu ibitekerezo ngo aze yizere kristo.

Ushobora gutsinda mukiganiro mpaka, cyangwa mungingo urimo utanga, ariko ntuzigera ugarurira kristo ubugingo burimbuka utabifashijwemo n'Umwuka Wera wikorera umurimo we muri uwo muntu utarakizwa.

Umwuka wera ahamya ko Yesu ari Ukuri. Akenshi umwanditsi w'iki (Pastor Thomas) yagiye ahangana n'abantu benshi bajya impaka yukoYesu ari Imana cyangwa yuko yapfuye kumusaraba cyangwa akazuka.

Igisubizo cyanjye gihora ari kimwe. Mbashishikariza guhora basenga Imana kandi babaza Imana ngo ibahishurire ukuri. Kubera iki? Kubera ko Umwuka Wera ari we wenyine wahishura ukuri kujyanye na Yesu kristo.

Yohana 15:26-27 haragira hati,
"Umufasha naza, uwo nzaboherereza ava kuri Data, ari we Mwuka w'ukuri ukomoka kuri Data, azampamya.Kandi namwe muzampamya, kuko uhereye mbere na mbere mwari kumwe nanjye''.

A. Umwuka Wera atsinda ab'isi, ibyo gukiranuka ndetse n'iby'urubanza.

Yohana 16: 8-11,

. 8-''Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka;

9-''iby'icyaha, kuko batanyizeye,

V.10- "n'ibyo gukiranuka kuko njya kwa Data, kandi namwe muzaba mutakimbona,

11- "n'iby'amateka kuko umutware w'ab'iyi si aciriweho iteka.

Mbere yuko umuntu akizwa, Umwuka wera amuganiriza ko akeneye kristo kubw'ibyaha bye ndetse ko ari Umwami n'umukiza we.

Amuhishurira uko akeneye guha ubuzima bwe kuri Kristo. Uyu ni umurimo w'Umwuka wera. Niwe gusa ushobora guhishurira ukuri umuntu wazimiye.

III. UMWUKA WERA N'UMUKRISTO

A. Umwuka Wera abatiza buri mwizera muri we ubwe.

1 Abakorinto 12: 13 haragira hati,'' kuko mu Mwuka umwe twese ari mo twabatirijwe kuba umubiri umwe, naho twaba Abayuda cyangwa Abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab'umudendezo. Kandi twese twujujwe Umwuka umwe''.

Uyu murongo wigisha ko BURI MWIZERA WESE, yabatirijwe mumubiri wa kristo. Wabatijwe n'umwuka wera igihe yinjiraga m'ubuzima bwawe. Ibi bibaho igihe ukijijwe.

Iyo ukijijwe ni Umwuka Wera uza mumutima wawe agaturamo. Yesu yaje mubuzima bwawe m'uburyo bw'Umwuka Wera. Iki muri bibiliya kitwa,'' umubatizo w'Umwuka Wera''.

B. Umwuka Wera yizeza abizera ubugingo bw'iteka.

Ni iby'ingenzi cyane ko buri mukristo amenya neza ko afite ubugingo bw'iteka. Niba atabyo, ntamahoro yagira kandi ntazaba umuhamya mwiza wa kristo.

Akenshi satani agerageza gusenya umwizera. Arashaka kwica no kurimbura buri mwizera. Muburyo bumwe ashobora gukora ikintu runaka kugirango ashyire gushidikanya mubitekerezo by'uwo mwizera kubijyanye n'agakiza ke.

Niba habayeho gushidikanya,ni Umwuka wera uzamuha uwo mutekano. Akoresha ijambo ry'Imana.

Bibiliya yigisha ko: Ariko umuntu wese utagira Umwuka wa Kristo ntaba ari uwe. Abaroma 8:9, ibi bisobanura ko ukijijwe we aba afite Umwuka Wera.

Abefeso 1:13-14, ‘’ Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry’ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw’agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe, uwo twahawe ho ingwate yo kuzaragwa wa murage kugeza ubwo abo Imana yaronse izabacungura. Ubwiza bwayo bushimwe’’.

2 Abakorinto 1:21-22,

Imana ni yo idukomezanya namwe muri Kristo kandi ni yo YADUSIZE, Ni yo yadushyizeho IKIMENYETSO, iduha Umwuka wayo mu mitima yacu ho ingwate.

C. Umwuka Wera akomeresha abizera imbaraga.

Ntibishoboka kubaho ubuzima bwa Gikristo. Ntawashobora gupima ingano ya Yesu. Nyamara, ni Umwuka wera uba muri wowe uguha imbaraga zo kubaho ubuzima bwa Gikristo. Akakuyobora, akagufasha.

Abefeso 3:16, “ngo abahe nk’uko ubutunzi bw’ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu ku bw’Umwuka we,

UMWUZURO W’UMWUKA WERA.

Intego ni kuzura umwuka wera no kuyoborwa nawe. Iyo ariwe ugutwaye, arakuyobora, akagufasha munzira zawe no mubushake bw’Imana.

Abefeso 5:18 hati, "Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure Umwuka''.

Iyo twuzuye Umwuka Wera, imbuto z'Umwuka Wera zirera muri twe. Ntushobora kwera imbuto z'Imana. Ni yo yera Imbuto muri wowe kandi inyuze muri wowe.

Abagaratiya 5: 22-23, "Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana''.

V. NIGUTE UMUNTU YUZURA UMWUKA WERA

Umwuka Wera ari mubuzima bw'umwizera wese ariko ikigwaho ni: niwe utwaye ubuzima bwawe. Iyo ariwe utwaye ubuzima bwawe uba wuzuye Umwuka Wera. Kandi nta tegeko ribihana''

Akenshi, abakristo bambaza uko bakuzura Umwuka Wera. Reka nihutire kubasubiza ko bibiliya idatanga ihinamvugo. Noneho, ndatsindagira ibintu bibiri by'ingenzi niba washobora kumenya ibyiyumvo bye.

A. Icyambere, ugomba kwatura no kwihana buri cyaha.

I yohana 1:9 haravuga ngo "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.

Bertha Smith umumisiyoneri wakoreraga Imana, wakoreye imyaka myinshi mubushinwa. Naranezerwaga iteka ariko akamvangira iyo numvaga imvugo ze.

Igihe yavugaga ku ‘’kwera kw’Imana’’ n’’’Umwuka Wera’’ yashoboraga kubwira buri wese waje mu materaniro gutaha, agapfukama imbere y’Imana akanayisaba kumushishurira icyaha cyiri mubuzima bwe, uhereye ahashize kugeza none. Hanyuma, akaba yabasaba ko buri wese yandika lisiti y’ibyaha.

Uramutse ukoze ibi, ni nkaho Imana ikwibutsa inabi wagiriye abandi, ndetse n’ibyo mumyaka yashize, ishyari, umujinya, ubwibone, ibitekerezo byanduye, ubunebwe, inda nini.

B. Mukwizera saba Umwuka Wera kuyobora ubuzima uyu munsi.

Ari mubuzima bwawe. Musabe akuyobore. Kora ibi buri munsi kandi umwemerere akuyobore. Iyo akuyobora uba wuzuye Umwuka Wera.

Ukwiye gusubiza iki kibazo,’’ muby’ukuri ninde uyobora ubuzima bwanjye?’’

Kuganduka ni ikintu cyakabiri gikenewe kugirango wuzure Umwuka Wera.

Keretse gusa Kristo ariwe ufite intebe y’ubutware kubuzima bwawe nibwo wagira imbaraga z’Umwuka wera ndetse n’umugisha. Yesu agusaba kwiyemeza byuzuye ko aba Umwami w’ubuzima bwawe. Yaravuze ati,’’ Abwira bose ati “Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire’’ Luka 9:23

Billy Graham yasobanuye kuganduka ko ari ugutera umugongo inzira zacu bwite tugashaka mbere y’ibindi byose Kristo nk’Umwami, kanditukayoborwa nawe muri buri gice cyose cy’ubuzima bwacu. [1]

Muyandi magambo, uzamenya ko wuzuye Umwuka Wera igihe uzaba waretse kwiyobora hanyuma ukareka kristo akaba izingiro ry'ubuzima bwawe. Ukwiye kumureka akima nk'Umwami wawe.

Iki ni igikorwa cy'ubushake bwawe. Ushobora guhitamo kwegurira ubuzima bwawe mubiganza bya Kristo.

Mu rwandiko rwe yandikiye abaroma, Pawulo yagiriye inama abizera,'' Noneho ntimukimike ibyaha mu mibiri yanyu izapfa, ngo mwumvire ibyo irarikira. Kandi ntimuhe ibyaha ingingo zanyu kuba intwaro zo gukiranirwa, ahubwo mwitange mwihe Imana nk'abazuke, n'ingingo zanyu muzihe Imana kuba intwaro zo gukiranuka''. Abaroma 6:12-13

[2] ijambo '' guha'' gutanga. Billy Graham, avuga ko ibyo bisobanura guha urwaho umuntu kugirango akubone.

Kuganduka, bikuraho inkomyi (Imbogamizi) izo arizo zose ku zo kuzura Umwuka Wera, bidasubirwaho, kwitanga wese bidafite ikigombero kubuzima bwawe kuri Kristo. Ikwiye kuba imvugo yawe kuri we, utisigarije na kimwe,'' Ba Umwami wanjye.''

Ukwiye gufata icyemezo. Uzaba zayobora kandi ugenge ubuzima bwawe, cyangwa urahitamo kwemerera Umwuka Wera kukuyobora?

Birashoboka ko umugabo n'umugore bagira icyemezo cyo gushyingiranwa, hanyuma bakaba Umugabo n'Umugore mubyo bwemewe, ariko batabyiyemeje bya burundu. Iyo bahagze kuruhimbi barahira, bashobora kuba rwose bumva bahamanya n'ukuri.

Impamvu byari bimbabaje kwakira impeta ya Sherry murutoki rwanjye nuko byashushanyaga icyemezo mfashe cy'imbere mumutima wanjye cyuko niyemeje kubana nawe.

Ushobora uti Yesu ni umwami wankye, ariko se ibi ubivuze ubikuye kumutima? Ni ukuri koko niwe ugenga ubuzima bwawe? Ese umutima wawe umuriho by'ukuri? Wiyemeje rwose kuba uwe?

Iyo wiyeguriye rwose Kristo, ntuhangayike, umwuka wera azakuzura. Uzagira imbaraga ze ndetse anakuyoore.

Kwiyegurira Kristo ni igikorwa cya buri mwanya ndetse buri munsi.

Nubwo kuba umukristo bisobanuye ko ufite umwuka wera muri wowe, ntiwavuga ko wawuzuye maze ngo ubeho ubuzima bw'ubutsinzi wiyobora ubwawe.

Buri munsi, toza ubushake n'amahitamo yawe kumwemerera akakugenga. Nuramuka ukoze ibi, uzabaho umwuzuro w'ubuntu bwe.

Umwuka Wera ni ibanga ry'ibanze ryo kubaho ubumana bwa Kristo. Ubwo buri munsi uyoborwa n'Umwuka Wera uzajya ubaho imbaraga ze.

UMWANZURO

Urashaka kubaho ubuzima bw'ubutsinzi bwa gikristo? Ntibishoboka ko wanabigerageza ukoresheje umuhate wawe.

Urufunguzo rw'ubuzima bw'ubutsinzi bwa gikristo si ukugerageza ibishoboka byose kwawe gukora ibyiza, ahubwo ni ukwemerera Umwuka Wera utuye muri wowe (niba ukijijwe) kukugiraho ububasha bwose kubuzima bwawe kandi buri munsi.

Emerera Umwuka Wera ayobore ubuzima bwawe kandi akorere muri wowe. Ni WE ubaho akanakorera muri wowe kandi akoresheje wowe.

Buri munsi egurira ubuzima bwawe Umwuka Wera kandi umwemerere abubemo aho kugirango ugerageze kubaho ku Mana.

[1] Billy Graham, p. 140

[2] Billy Graham, p. 143

UMUTWE WA GATANDATU

ICYAHA NI IKI?

INYIGISHO KU CYAHA

Ubu nonaha jyewe (Pastori Thomas, umwanditsi w'iki gitabo) nyuma yo kwigisha ikibwirizwa '' icyaha kitagaragara'' mw'itorero

Washington D.C. church, umukobwa yaraje ahagarara imbere hanyuma abaza umushumba mukuru niba ashobora kugira icyo abwira itorero.

Yari umuyobozi w'icyiciro cy'urubyiruko ndetse ashinzwe n'ibya muzika murusengero. Birumvikana, pastori yarabimwemereye.

Yatangiye avaga,'' mfite icyaha kitazwi nkeneye kwatura muri iki gitondo.''

Then she stunned the congregation by declaring, "I am committing adultery with one of our leaders." Yababaje abaraho avuga ati '' nasambanye n'umwe mubayobozi bacu.''

Mbega igisasu!!!!

Abayobozi bose barahindukira bararebana bavugira icyarimwe ngo'' si jye''.

Kugiti cyanjye, sintekereza ko yari kubikorera muruhame, ariko yarabikoze kandi amazi yari yamaze kurenga inkombe. Umugore, umuryango we, batangira gushinja abayobozi, umuryango we n'Itorero bagomba kwiga kuri iki kibazo.

Ihame rir'aha nuko hari uwaturiye icyaha muruhame. Bisobanuye ko uretse gusa abaziranye icyo cyaha nibo bagombaga kwaturirana bakanasaba imbabazi. Dawidi niwe watwigishije neza uburyo bwo kugarura ubusabane n'Imana nyuma yo gukora icyaha.

Icyaha kitazwi

Twese twavutse turi abanyabyaha. Natwe twahisemo kutumvira Imana. Turi abanyabyaha byo muri kamere kandi tunabihisemo.

Iyo kristo aje mumitima yacu, ibyaha byacu birababarirwa. Ariko, birashoboka ko hari ibyaha bitazwi byihishe mubuzima bwacu.

Mw'isezerano rya kera, muri 2 Samweri, ushobora gusoma inkuru ibabaje y'umugabo w'Imana, umwami Dawidi. Yarazi Imana, yaragendanye nayo, ariko yakoze ibyaha bibili bikomeye.

Umunsi umwe hagaze hejuru y'Inzu y'ubwami abona umugore w'ikibengukiro, Betisheba. Yariyuhagiraga. Aho kugirango ahindukire, Dawidi akomeza guhanga amaso ubwambure bwe. Irari rye rimurimburira mu cyaha cy'ubusambanyi.

Betisheba amaze gutwita, Dawid ashaka guhisha icyaha cye umugabo we, Uriya. Ahamagaza ingabo ye yo kwizerwa amukuye kurugerero hanyuma amushukashuka ngo aryamane n'umugore we.

Ashingiye kunshingane ze ku Mana ye ndetse no Ku Mwami, Uriya asubiza Dawidi ati "Isanduku y'Imana n'Abisirayeli n'Abayuda barara mu ngando, kandi databuja Yowabu n'abagaragu ba databuja bagerereje ku gasozi, naho jye nigire iwanjye, njye kurya no kunywa, niryamanire n'umugore wanjye? Oya ndahiye ubugingo bwawe uko uramye, sinakora bene ibyo." 2 Samuel 11:11.

Dawid ategeka ko umugabo wa Betisheba yoherezwa aho rukomeye kurugamba, aho yagombaga kwicwa.

Icyaha cy'ubusambanyi cya Dawidi ndetse n'ubwicanyi byahishwe abanyu ariko ntibyahishwa Imana. 2 samweli 11:27 haragira hati, ariko icyo Dawidi yakoze icyo cyarakaje Uwiteka.

Amaze kujenjangurwa n'icyaha cye n'ingaruka zacyo, Dawidi yaratatse cyane yatura anihana. Isengesho rye turisanga muri zaburi 51: 1-17.

Mana, umbabarire ku bw'imbabazi zawe,Ku bw'imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye.

4. **Unyuhagire rwose gukiranirwa kwanjye, Unyeze unkureho ibyaha byanjye.**
5. **Kuko nzi ibicumuro byanjye, Ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka.**
6. **Ni wowe, ni wowe ubwawe nacumuyeho, Nakoze icyangwa n'amaso yawe. Byabereye bityo kugira ngo uboneke ko ukiranuka nuvuga, Kandi uboneke ko uboneye nuca urubanza.**
7. **Dore naremanywe gukiranirwa, Mu byaha ni mo mama yambyariye.**
8. **Dore ushaka ukuri ko mu mitima, Mu mutima hataboneka uzahamenyesha ubwenge.**
9. **Unyejeshe ezobu ndera, Unyuhagire ndaba umweru ndushe urubura.**
10. **Unyumvishe umunezero n'ibyishimo, Kugira ngo amagufwa wavunnye yishime.**

11. **Hisha amaso yawe ibyaha byanjye, Usibanganye ibyo nakiraniwe byose.**
12. **Mana, undememo umutima wera, Unsubizemo umutima ukomeye.**
13. **Ntunte kure yo mu maso yawe, Ntunkureho Umwuka wawe Wera.**
14. **Unsubizemo kunezezwa n'agakiza kawe, Unkomereshe umutima wemera.**
15. **Ni bwo nzigisha inzira yawe abacumura, Abanyabyaha baguhindukirire.**
16. **Mana, ni wowe Mana y'agakiza kanjye, Unkize urubanza rw'inyama y'umuntu, Ni bwo ururimi rwanjye ruzaririmba cyane gukiranuka kwawe.**
17. **Mwami, bumbura iminwa yanjye, Ni bwo akanwa kanjye kazerekana ishimwe ryawe.**
18. **Ni uko utishimira ibitambo mba mbiguhaye, Ntunezererwe ibitambo byokeje.**
19. **Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse, Umutima umenetse ushenjaguwe, Mana, ntuzawusuzugura.**

Muri iri sengesho, ushobora kwiga ukuntu wagera ikirenge mucy'Imana.

Dawidi yogejwe n'Imana. Yamenye icyaha cye ndetse aranakirengera. Buri gace kose ko muri iri uku kwatura ni ingenzi. Kubona ikibazo cyawe ntabwo bihagije. Nkuko Dawidi yabikoze, ugomba gusaba Imbabazi.

Mugusaba imbabazi, Dawidi yakoresheje amagambo atatu asobanura icyaha cye. Ibande kunshinga yakoresheje ubwo yatakaga asaba imbabazi.

IGICUMURO

Umwami yatuye ko yakoze ibicumuro. Mu murongo wambere yasabye Imana '' imura ibucumuro byanjye''

Mu ruheburayo, pasha, byahinduwemo nk'ijambo ibicumuro, bisobanuye ''kutumvira ubihesemo''

Icyaha cya Dawidi, ntabwo cyari Impanuka. Yarabizi ko arimo akora nabi. Yarazi amategeko abuza gusambana no kwica. Abihisemo yarenze ingabano yica itegeko ry'Imana. Nta rwitwazo yarafite.

Kuririra Imana kwa Dawidi ngo umukureho ibicumuro bye. Inshinga yahinduwe hano'' gukuraho'' bisobanuye'' kweza.'' [1]

Iri ni ijambo rimwe n'iryakoreshejwe mw'itangiriro 7:22-23 ubwo bibiliya ivuga ko, ureste Nowa n'abo mumuryango we, Imana yarimbuje(yasibanganije) umuntu wese umwuzure. Ikiremwa cyose kitari mu nkuge cyararimbuwe.

Umwami Dawidi yasabaga Imana kubabarirwa no kwibagirwa igicumuro cye. Yasabaga gukurwaho kwa burundu kw'icyaha cye mubuzima bwe. Iki nicyo kibaho iyo wihannye icyaha cyawe ukazanwa no kwizera kuri kristo.

Muri yesaya43:25, Imana iravuga iti, ''Ubwanjye ni jye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira ku bwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi''.

Icyaha cya Dawidi cyari kimeze nk'ideni ryanditse mugitabo cy'Imana. Hari hakenewe ko rikurwamo. Yasabaga Imana kutakigaragaza muri icyo gitabo, kugirango hatazagira ugisoma. Yasabaga ko gikurwamo burundu ntihagire nakanunu kacyo gasigara.

Igicumuro

Igicumuro ni ijambo rya kabiri ry'icyaha Dawidi yakoresheje mukwatura kwe. Ibi biva mw'ijambo ry'igiheburayo awon, risobanura umunwa ugoreka.

Tekereza umugabo yubatse urukuta, rwishimirwa n'abantu bose bo muri ako gace. Bakamubwira,'' uri umwubatsi mwiza; umwiza cyane cyane kurusha abandi muri iki gice. Urukuta rwawe ruragororotse, ruragororotse muri aka gace.''

Hanyuma, umunsi umwe umwami wari Umwubatsi aza gusura icyo cyaro, areba urwo rukuta aravuga ngo,'' ntabwo nizera ko uru rukuta rugororotse.''

Mugihe uwo mwubatsi w'umwiyemezi na bagenzi be bo muri icyo cyaro bareba, uwo mushyitsi afata umugozi ugera (Upima) awugeresha rwa rukuta, bose barumirwa babonye urukuta rutagororotse.

Umwami dawidi, wari wuzuye ugukiranuka kw'abafarisayo. Ashobora kuba yaraekereje ati,'' sindi intungane, ariko ndi umugabo mwiza. Njya murusengero bihoraho kandi ntanga ibitambo. Ndi umubyeyi mwiza kandi ndi rwiyemezamirimo w'umunyakuri. Ugereranyije n'abandi bantu, nijye muzima.''

Hanyuma Imana izana umugozi ugera kubuzima bwa Dawidi. Yohereza umuhanuzi wayo, Nathan, ku mwami amuzaniye inkuru y'akarengane gakomeye.

Aravugaati,'' Bukeye Uwiteka atuma Natani kuri Dawidi, ageze iwe aramubwira ati "Habayeho abantu babiri mu mudugudu umwe, umwe yari umutunzi, undi yari umukene.Kandi uwo mutunzi yari afite amashyo y'inka n'intama nyinshi cyane.

Ariko uwo mukene we nta cyo yari afite keretse akāgazi k'intama yari yaguze akakarera, kagakurana n'abana be bo mu rugo, kakarya ku twokurya twe, kakanywera ku nkongoro ye kandi karyamaga mu gituza cye, kaba nk'umukobwa we

Bukeye haza umugenzi kwa wa mutunzi, umubi ni uwenda mu nka ze cyangwa mu ntama ze ngo azimanire uwo mushyitsi wamugendereye, ahubwo ajya kwenda wa mwagazi w'intama wa wa mukene, awuzimanira umushyitsi we." 2 Samweli: 12:1-4

Maze Dawidi aherako arakarira uwo mugabo cyane. Ni ko kubwira Natani ati "Ndahiye Uwiteka uhoraho, umuntu wakoze bene ibyo akwiriye gupfa.

Kandi azarihe umwana w'intama kane, kuko yakoze ibimeze bityo kandi kuko atagira impuhwe." 5-6

Ni muri icyo gihirahiro yamufatiye. Nuko amubwira aya magambo, "Erega uwo mugabo ni wowe! Uku ni ko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze itya iti 'Nakwimikishije amavuta ngo ube umwami wa Isirayeli,

ngukiza amaboko ya Sawuli nguha inzu ya shobuja, nguha n'abagore be baragusegura, kandi nkugabira umuryango wa Isirayeli n'uwa Yuda. Kandi iyo biba byarabaye bike, mba narakongereyeho ibindi.

Ni iki cyatumye usuzugura ijambo ry'Uwiteka, ugahangara gukora ibyangwa na we: wicishije Uriya w'Umuheti inkota kandi ugacyura umugore we, umugira uwawe, kandi Uriya umwicisha inkota y'Abamoni. 7-9

Icyaha cya Dawidi kiba gishyizwe ahagaraga. Yagomba we kugiti cye kwicira urubanza: nishe itegeko, nteshuka inzira, mva mubushake bw'Imana. Acitse integer, arasaba'' nyuhagira usibanganye ibicumuro byanjye.'' Zaburi 51:2

Aha bisobanura'' unyuhagiremo indani'' iyi nshinga igaragara inshuro 51mw'Isezerano rya kera. Ibyo bisobanuye mumvugo isanzwe ''gutunganywa'' [2]. Kubusanzwe ikoreshwa kubantu cyangwa abatambyi bahagarara imbere y'Imana bambaye imyambaro year mugihe cy'umuhango w'ubutambyi.

Ibi byategetswe mu kuva: 19:10-11 Uwiteka abwira Mose ati "Jya ku bantu ubeze none n'ejo, bamese imyenda yabo, uwa gatatu uzasange biteguye, kuko ku munsi wa gatatu Uwiteka azamanukira imbere y'ubwo bwoko bwose ku musozi Sinayi.''

Kugirango berezwe uwiteka, abantu bagombaga kumesesha amazi akonje imyenda yabo, bakayibita kurutare, bakayikandagira kugeza gihe ekeye kandi ikuma. Dawidi yashakaga kwiha Imana kuruta gucya kw'imyambaro ye amaze kwezwa mw'imbere.

Icyaha cye cyari kimezenk'umwanda ukabije washinze imizi muri we, ukaba warukenewe kurandurwa.

Nk'umuhungu, umwambaro wa Dawidi w'ubushumba wari wuzuye amaraso y'umwana w'intama yakijije imifatangwe.

Yari yahindanijwe n'isayo ryo m'umwobo, aho yakururaga intama ayikuramo yayobye. Yitegerezaga nyina uko yahindanyijwe n'umugezi kandi ukonje. Yari yakubiswe.

Noneho, Umwami Dawidi yasabaga Imanakugenza nkuko nyina yabigenzaga iyo imyambaro ye yabaga yanduye. Akavuga ati,'' nahindanijwe n'isayo y'ibyaha, ndanduye bikabije, Nyagasani, eza buri muyoboro wose w'ubugingo bwanjye''.

Igicumuro

Ijambo rya gatatu ry'igiheburayo Dawidi yakoresheje agaragaza icyo yakoze ni hatah. Muri zaburi51: 3, iryo jambo ryahinduwemo nk' Icyaha (icyaha cyanjye gihora imbere yanjye''). Ibi bisobanura ''miss the mark.''

Nk'umusore ukiri muto Dawid yize gukoresha umuhumetso. Ntagushidikanya, mugihe yageragezaga kurasa no guhamya intego ntiyabigezeho, umwe mu nshuti ze ashobra kuba yaramusetse, '' ntureba, wongeye guhusha intego kandi.''

Kwibuka ibi nk'umuntu ucirwa urubanza n'umutima we kubw'icyaha gikomeye yakoze, ashobora kuba yaratatse cyane, '' oh, Mana, icyo wankoreye kiruta cyane ubusambanyi, ubusinzi n'ubwicanyi nakoze. Mbega ukuntu nahushije icyo kimenyetso.

" Niba koko mushaka kwatura icyaha cyanyu, mugomba kuba mwiteguye kujya kureba umwami Dawidi, '' icyaha cyanjye ni icyaha koko. Mbega ukuntu nahushije icyo kimenyetso''.

Ntabwo uba watuye neza by'ukuri iyo utaremera kwirengera ingaruka zose z'icyaha cyawe. Ukwiye kwemeranya n'Imana ko uhamwa n'icyaha nta rwitwazo.

Muri zaburi 51:2, Dawidi akoresha inshinga'' gukuraho''. Yasabaga Imana, ''kumukuraho icyaha cye.''

Icyo inshinga isobanuye'' kwera cyangwa gutangarizwa ko uri umwere. Mw'isezerano rishya, iryo jambo risobanuye kuba uwera cyangwa kuba ntakiguciraho iteka.[3]

Dawidi yasabaga Imana ko imubona nkaho yari Umwere, ntakimucira urubanza.

Icyaha cya Dawidi cyari nk'ikibembe, yarakeneye guhumanuka. Mubihe bya kera, umuntu wafatwaga n'ibibembe itegeko ryamutandukanyaga n'inshuti ze, n'imiryango.

Ntiyashoboraga kuguma m'umurwa cyangwa kuguma iwe. Uwamwegeraga, yagomba gutaka avuza atabaza''uwahumanye! uwahumanye!''

Ariko iyo umuntu yabaga yakize iyo ndwara ikomeye, yashoboraga kujya kureba umutambyi akamusuzuma akemeza ko yakize koko. Dawidi yingingaga ati,'' Nyagasani, ndumva, meze nkaho ibibembe bindimo imbere. Icyaha cyanjye cyampindukiye Indwara. Nyoza, unkize ndakwinginze.

Kwirengera icyaha cyawe ntabwo ari ikintu kijya cyoroha. Kuko akenshi habaho gushaka kubigereka k'uwundi. Adam na Eva bahimbye umukino wo '' guhanahana umupira'' kuva icyo gihe, buri wese muri iryo rushanwa, yabaye mutarushwa mukwikuraho ikosa arigereka k'uwundi.

Dawidi ashobora kuba yarageregeje kwikuraho ikosa akarishyira kuri Betisheba. Aho kugirango yikorere ibyo yakoze byose. Yabikoze byombi bwaba ubusambanyi ndetse no kwica. Yahamwaga n'icyaha. Kuko yikuye ubwe munzira z'Imana. Ubu, yemeye guhangana n'icyaha cye, aracyatura arananihana.

Zaburi 51:4 haduhishurira uburyo Dawidi yamenye icyaha cye ko kitababaje abantu gusa ko n'Imana cyayibabaje.

Yazirikanye ko, Ni wowe, ni wowe ubwawe nacumuyeho, Nakoze icyangwa n'amaso yawe. Byabereye bityo kugira ngo uboneke ko ukiranuka nuvuga, Kandi uboneke ko uboneye nuca urubanza.

Dushingiye kuri iyi nkuru ya Dawidi, umwe yakubwira ko yize ko niba satani ashobora kugerageza umuntu ukomeye kandi wubaha Imana

akagwa mucyaha kitazwi n'abandi, ashobora no gushukashuka undi wese nkuko. [4]

[1] **Benjamin Davidson, The Analytical Hebrew and Chaldea Lexicon. Grand Rapids, Mich. Zondervan. Publishing House, 1977. p. 478.**

[2] Spiros Zodhiates. The Hebrew-Greek Key Study Bible. Chattanooga, Tenn.:AMG Publishers,1984, p. 1,065.

[3] Greek English Dictionary of the New Testament. United Bible Societies, 1971. p. 246.

[4] Ndashimira byimazeyo Dr. Cecil R. Taylor, umuyobozi w'ishami ry'lyobokamana muri Kaminuza ya Alabama, kuba yaranyigishije iki gice cya 51 cya zaburi kigendanye n'Icyaha no kuba yarampaye ubushakashatsi bwe ngo mbwifashishe.

UMUTWE WA 07

UMUSARABA WA KRISTO

INYIGISHO KU MPONGANO

Ariko jyeweho sinkiratana ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo wateye ko iby'isi bimbera nk'ibibambwe, nanjye nkabera iby'isi nk'ubambwe. Abagaratiya 6:14

Iriburiro

Umusaraba wa kristo wari ishingiro ry'inyigisho z' intumwa pawulo. Yaravuze ati Ariko jyeweho sinkiratana ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo. Yashoboraga kwirata ibindi byinshi.

Yashobaraga kwirata Ivuka rya Yesu uko yabyawe n'Isugi kandi ntawundi muntu wabyawe n'isugi nkuko byagenze kuri Yesu.

Yashoboraga kwiratana ibitangaza Yesu yakoze bitigeze bikorwa n'undi.

Yashoboraga kwiratana inyigisho za Yesu kuko ntawundi muntu wigishije nk'ibyo Yesu yigishije.

Yashoboraga nanone kwirata umuzuko wa yesu kuko ntawundi wigeze azuka mubapfuye uretse Yesu.

Oya, kwirata ndetse n'icyubahiro bikwiye umusaraba wa Kristo. Kubera iki? Umusaraba ni ihuriro ry'ubutumwa bwose bwa Bibiliya.

Muri iki gihe, Amamiriyoni y'abantu ari m'urujijo kubijyanye n'Umusaraba wa kristo.

Igihe nasuraga igihugu cya Nepal, jyewe (Pastor Thomas, umwanditsi w'iki gitabo) yabajije umuntu,'' impamvu Yesu yapfuye kumusaraba''. Nta gitekerezo yari abifiteho. Aravuga ati,'' ndatekereza ko ashobora kuba yarazize impamvu za politiki''.

Ku mamiriyoni menshi y'abantu, umusaraba wa kristo ari ikimenyetso cy'ikizere. Tubona imisaraba myinshi imanitse hejuru kudusongero

tw'insengero. Abantu benshi Bambara imisaraba ku majosi yabo. Abandi nabo bakipfumbata mugihe basenga.

Abandi nabo, umusaraba ni ikimenyetso kitari cyiza. Ni urukozasoni. Ni igitutsi. Bibiliya ivuga ko umusaraba ari Urutare rugusha.umusaraba wari igikoresho abaroma bakoreshaga mukwica abicanyi.

Hari ikintu kimwe kizewe neza, Satani yanga umusaraba wa Kristo.

Yumvishije abantu benshi ko Yesu atigeze apfa kumusaraba. Isilamu, urugero, byeruye yigisha ko Yesu atapfuye kumusaraba m'uburyo bw'umubiri.

Ukuri kw'amateka nuko Yesu W'I Nazareti yapfuye kumusaraba.

NI IKI UMUSARABA UTWIGISHA?

I. Icyambere, Umusaraba utwereka ko twese twakoze ibyaha.

Bibiliya iravuga ngo,'' kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana, (Abaroma 3:23).

Imana yaduhaye amategeko icumi

1. **Ntukagire izindi mana mu maso yanjye.**

Abenshi bafite ibigirwamana byinshi. Bibiliya iravuga ngo, ntukagire igishushanyo cy'ikigirwamana.

Nyamara, umuntu afite ibishushanyo. Umuntu asenga Mariya, nyina wa Yesu Kristo, imyuka, abakurambere, ibishushanyo byakozwe n'intoki z'abantu, amafaranga, kwogera.

Tunashyira imbere ubushake bwacu aho gukora ubushake bwayo. Tugahinduka Ikigirwamana cy'ubuzima bwacu.

2. **Ntukiremere igishushanyo kibajwe (igishushanyo)**
3. **Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe**
4. **Wibuke kweza umunsi w'isabato**
5. **Wubahe so na nyoko**
6. **Ntukice. Ariko, Yesu yaravuze ngo, nuramuka ugize uburakari mumutima wawe uba ukoze icyo cyaha mumutima wawe.**
7. **Ntugasambane. Yesu yaravuze ati: nugira irari mumtima wawe uba umaze gusambana.**
8. **Ntukibe**
9. **Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe. Ibyo bivuze ngo ntukabeshye.**
10. **Ntukifuze ikintu cya mugenzi wawe. Bisobanuye ko kwifuza ikintu cya mugenzi wawe bigusunikira kukwiba.**

Noneho, ndabaza, ninde udacumura?

Ninde utarica itegeko ry'Imana

Ninde ntungane?

Igisubizo nuko buri wese yacumuye.

Ibyaha byacu byashyize umupaka hagati y'umuntu n'Imana yo Yera.

II. Icya kabiri, umusaraba uduhishurira URUKUNDO rw'Imana.

Nubwo turi abanyabyaha Kristo aradukunda.

Bibiliya ivuga ko igihano kimwe cy'icyaha. Icyo ni urupfu, kumeneka kw'amaraso.

Kumeneka kw'amaraso (urupfu) ni cyo gihano cy'icyaha gusa Imana yemera.

Abaheburayo 9:22 haragira hati,'' kuko ukurikije amategeko ibintu hafi ya byose byezwa n'amaraso, kandi amaraso atavuye ntihabaho kubabarirwa ibyaha.

Mu Isezerano rya Kera hari inkuru ya Aburahamu, ukomokwaho n'ishyanga ry' Abayahudi. Yafashe umuhungu we Isaka kugirango amutambeho igitambo cy'ibyaha nk'umuntu. Nyine, mbere yuko amwica akamena amaraso ye, Imana yaramubujije imuha isekurume y'intama. Amena yica iyo ntama. Itangiriro 22

Nyuma, mu Isezerano rya Kera, tubona inkuru y'urubyaro rwa Isirayeli uburetwa muri Egiputa. Imana yohereje Mose muri Egiputa kugirango abakure m'uburetwa abajyane mu gihugu cy'Isezerano.

Ariko, umwami wa Egiputa ntuyabemerera gusohoka.

Imana yohereza ibyago kugirango imwemeze, ariko umunyagasuzuguro ufite umutima unangiwe.

Nuko, Imana yohereza Marayika w'urupfu muri Egiputa yose yica abana b'imfura bose nk'igihano ahaye Egiputa.

Imana ibwira abana ba Isirayeli gufata umwana w'intama utagira inenge, ngo bawice bashyire amaraso yawo kunkomanizo z'umuryango. Noneho ubwo Marayika urimbura azaza,'' azabanyura'' kumazu yose ariho amaraso y'umwana w'Intama. Kuva12:23

Nyuma y'aho abana ba Isirayeli baviriye muri Egiputa, bashinze Ihema. Muri iryo hema, Umutambyi Mukuru yinjiraga ahera h'ahera cyane, akubikira umwana w'intama akamena amaraso kubw'ibyaha by'abantu.

Amaraso yarakenewe kugirango atwikire ibyaha by'abantu. (soma Abarewi. 16:21-22).

Muyandi magambo, aho kugirango hicwe hanameneke amaraso y'umunyabyaha, Imana yemeraga ko hameneka amaraso y'inyamaswa Amaraso ya Yesu yamenetse yasimburaga ay'Inyamaswa. Igitambo cy'Inyamaswa nticyahinduraga umutima w'Umuntu.

Amaraso y'inyamaswa yari ay,agateganyo. (Abaheburayo 9:12) Impamvu nuko amaraso y'abana b'intama atashoboraga guhindura umutima w'Umunyabyaha. Umuntu yashoboraga gucumura ahanyuma agatamba umwana w'intama kugirango yishyure ibicumuro bye. Kubera ko, amaraso y'umwana w'Intama yishyuraga ibyaha bye ariko ntiyashoboraga guhindura umutima we.

Nuko, Imana yigira Umuntu. Izina rye ni Yesu.

Yohana umubatiza aravuga ati "Nguyu Umwana w'intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi''. Yesu yagombagakuba igitambo cyanyuma. Yagombaga kuba igitambo cy'umuntu. Urupfu rwe rwo kumusaraba rwagombaga kuba rubi cyane, urupfu rwo kumeneka kw'amaraso yose kugirango yishyure ibyaha by'isi yose.

1 Abakorinto: 5:7 hati,''Nuko nimwiyezeho umusemburo wa kera kugira ngo mube irobe rishya, mube mutakirimo umusemburo wa kera koko kuko PASIKA yacu yatambwe, ari we Kristo.

Matayo 20:28 hati, ''nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi."

Inshungu ni iki?

Jyewe, Umwanditsi w'iki Gitabo, yabaye muri Colombia igihe kinini yigisha anabwiriza ijambo ry'Imana. Umwe mubansemuriraga, yari afite umuvandimwe we washimuswe n'abakomuniste bamutwara mumisozi.
Uburyo bwonyine bwo kugarura Umuvandimwe we kwar'uko umuryango we wishyura ikiguzi. Ikiguzi kimaze gutangwa, umuvandimwe yararekuwe arataha.

Yesu Kristo yapfiriye k'umusaraba, amena amaraso nk'ikiguzi cyo kwishyurira ibyaha byacu. Niwe gitambo cy'amaraso y'umuntu cy'ibyaha.

Impamvu nuko, ''igihembo cy'icyaha ari urupfu rw'amaraso (gupfa umuntu amennye amaraso)''. Yesu yishyuye icyo kiguzi mu mwanya wawe.

Urwo ni urukundo nyakuri. Imana iragukunda.

Bibiliya iravuga ngo, ‘’Nta wufite urukundo ruruta urw’umuntu upfira incuti ze.

Imana iragukunda.

Bibiliya iravuga ngo,’’ ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. Abaroma 5:8

Imana iragukunda.

“Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.“Yessaya 53:5).

Imana iragukunda

Efeso 1:7 haragira hati, “Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw’amaraso ye, ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk’uko ubutunzi bw’ubuntu bwayo buri,‘’ Imana iragukunda.

Bibiliya iravuga ngo, “Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk’ifeza cyangwa izahabu,ahubwo mwacungujwe amaraso y’igiciro cyinshi, nk’ay’umwana w’intama utagira inenge cyangwa ibara, ari yo ya Kristo ‘’(I Petero 1:18-19)

UMWANZURO

Hari umuntu muri Leta zunze ubumwe za Amerika witwaga George Wilson. Yakoze icyaha gikomeye cy'ubwicanyi mugihe yibaga inzandiko z'ibanga za Leta. Icyaha cye cyari gikomeye kuburyo yagombaga guhanishwa igihano cy'urupfu.

Perezida Lincoln , muburyo bwihuse afata urupapuro yandikaho'' uyu mugabo ndamubabariye'' hanyuma ashyiraho umukono.

Ariko, uko iminsi yagendaga ihita, ikirego cye cyaje kugera kuri Perezida wa Leta zunze ubumwe, Andrew Jackson. Andrew Jackson aramubabarira.

Hanyuma ikintu kidasanzwe cyaje kubaho. George Wilson akuraho za mbabazi.

Ikirego kijya murukiko rw'ikirenga. Umwanzuro wari uyu: imbabazi ntiziba imbabazi keretse uzihabwa azakiriye.

Hanyuma, Guverinoma yemeza ko yicwa.

Imana yaguhaye imbabazi.

Igihe kristo yapfaga kumusaraba yishyuye ikiguzi cy'ibyaha byawe amaraso ye. Yishyuye ikiguzi mumwanya wawe hanyuma aguha imbabazi zuzuye z'ibyaha byawe ndetse n'ikuzimu.

Ariko, ukwiye kwakira imbabazi!

Kristo yapfiriye ibyaha byacu, yarashyinguwe aranazuka kumunsi wa gatatu. (1 Abakorinto15:1-4). Ni muzima Kandi akeneye kuba mumutima wawe. Yishyuye ibyaha byawe amaraso ye.
Bibiliya iravuga iti: Icyakoraabamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Yohana 1:12

Ni gute wakwakira Kristo mubuzima bwawe?

A. Kwihana. Bisobanura '' guhindukira''. Kugira ubushake bwuko Imana yinjira m'ubuzima bwawe ubifashijwemo n'Umwuka Wera maze agahindura ubuzima bwawe. Nta mbaraga ufite zo kwikura mu byaha, ariko wagira ubushake bwuko yakwinjira muri wowe maze akaguhindura. Mbese witeguye guha ubuzima bwawe kristo akaba Umwami, Imana, Umutware w'Ubuzima bwawe.

B. Kwizera. Ibi birenze kwizera Imana gusa. Bisobanura guha burundu ubuzima bwawe Yesu akaba Umwami wawe kandi ukamwizera ko ari umukiza wawe.

Niba ushaka kubabarirwa ibyaha byawe ukakira Kristo, noneho biciye mukwizera ushobora Gusenga usaba ko kristo aza mubuzima bwawe nonaha.

Bibiliya iravuga,'' kuko umuntu wese uzambaza izina ry'Umwami azakizwa''. Abaroma 10:13).

Noneho senga isengesho nkiri: '' Mwami, ndi umunyabyaha. Nizeye ko wapfuye ukanazuka kubw'ibyaha byanjye. Ndagusha mumutima wanjye nonaha maze ube Umwami n'Umukiza wanjye''.

Niba usenze iryo sengesho, senga irindi sengesho kandi ushima Imana ko igukijije ibyaha no kurimbuka.

UMUTWE WA MUNANI

GUTSINDISHIRIZWA NI IKI?

INYIGISHO KU GUTSINDISHIRIZWA

kuko duhamije yuko umuntu atsindishirizwa no kwizera, atari imirimo itegetswe n'amategeko.Abaroma 3:28

Isengesho ry'Umwicanyi.

Umuyobozi w'umugi wacu yansabye kumuherekeza ubwo yitabaga telefoni y'impuruza. Twagiye mumwijima wo mucyaro cya Louisiana, duhagarikwa n'abantu bane bari bafunze umuhanda bishwe. Buri wese muri aba bantu yari yarashwe mumutwe. Amaraso yabo yerekanaga aho biciwe kubera igihe bari bamaze bapfuye. Ubwo abapolisi bahise babona ayo makuru barayifashisha.

Bitwaje intwaro ziremereye n'imbwa zabigenewe bakurikirana umwicanyi, aba bagabo bashakisha ijoro ryose. Mugitondo cyakurikiyeho, uwo mwiicanyi bamusanze aho yari yihishe munzu y'Ibyatsi. Ajyanwa muri gereza ya Clinton kugirango ategereze kuburanishwa no gucirwa urubanza.

Kuva natangira kwiga amashuri yisumbuye, najyaga njya kwigisha ijambo ry'Imana muri gereza ya paruwasi buri kucyumweru. Hanyuma icyo cyumweru cyakurikiye, nabwo abanyururu baraje.

Muri icyo gitondo, nabwiye abagororwa ko kuba hari ibyaha bakoze atari ikibazo; ko Imana yababababarira niba bihannyemaze bakizera Kristo nk'Umwami n'Umukiza wabo.

Naje gutumira abashaka kwakira Kristo nk'Umwami n'Umukiza wabo ngo baze bapfukame imbere. Buke buke, umugabo aza aturutse inyuma, apfukama imbere yanjye arira cyane ati, ''umbabarire, nakoze ibibi byinshi, mbese Imana yambabarira''?

Muburyo butangaje, naje kubona ko uwo mugabo wamenekeye imbere yanjye ariwe mwicanyi wishe babantu nabaonye munzira. '' Yego,'' ndabimwizeza. '' nta cyaha Imana itababarira.'' Uwo munsi, nabonye umwicanyi asenga asaba ko Kristo yamubabarira kandi akinjira mumutima we.

Ese koko byari iby'ukuri? Ni Imana yonyine nawe bari babizi. Icyo nzi ni iki. Niba koko ibyo yasenze yarabyumvaga akanabyemera, nuko Imana yafashe icyaha cye cyo kwica ikaba yarakibazze kuri Kristo. Kristo yikoreye kumusaraba icyaha cy'ubwicanyi cy'uwo mugabo.

Ubwo Yesu yapfaga kumusaraba, yahaniwe ubwicanyi uwo umuntu yakoze. Yaciriwe urubanza, ahamwa n'icyaha cyo kwica abo bantu. Ibyaha byabafunzwe bosse byashyizwe kuri Yesu, nubwo yari Umukiranutsi utagira icyaha.

Dore uko byagenze. Mu maraso ye, Kristo yababajwe n'igihano abo bicanyi bari bakwiye.

Ibuka intangiriro yiki gice ndetse n'Isomo ryo mubaroma 5:1

Igihe uhamwa n'icyaha atatse akakira Yesu nk'Umwami n'Umukiza we, Imana, ishyira muri we gukiranuka kwayo.

Uwo mwicanyi nagera Imbere y'Imana Data kumunsi w'Urubanza, ntabwo Imana izigera ibona icyaha cy'ubwicanyi kuri uwo muntu, cyangwa ikindi cyaha icyo ari cyo cyose. Izabona gukiranuka kwa Kristo muri uwo Muntu.
Data azareba mumutima w'uwo muntu abone umwana we Ysu Kristo. Kubw'iyo mpamvu yonyine, azamubwira ati,'' urakaza neza murugo.''

Bibiliya yita uko guhererekanya, ''GUTSINDISHIRIZWA''

Gutsindishirizwa niyo mvugo yemewe bibiliya ikoresha isobanura ''gukizwa''.

Muri *The Amplified Bible,* Abaroma 5:1 haravuga ngo, "Therefore, since we are justified (acquitted, declared righteous, and given a right

standing with God) through faith, let us [grasp the fact that we] have [the peace of reconciliation to hold and to enjoy] peace with God through our Lord Jesus Christ (the Messiah, the Anointed One).''Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo,

Gutsindishirizwa bisobanuye ko Imana idufata nkaho'' ntacyaha nigeze nkora , mbese nkaho numviye bitunganye.

Iyo watsindishirijwe, gucirwaho iteka no guhanirwa ibyaha byawe bikurwaho, hanyuma gukiranuka kwa Kristo kukaguhabwa.

Muyandi magambo, iyo Imana Data irebye mumutima wawe, aho kugirango ikurakarire kubera ibyaha byawe, ibona gukiranuka kw'Umwana wayo

Gutsindishirizwa niyo mvugo yemewe isobanura ikiba iyo wakiriye Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe. Yohana 1: 12

Iyo utsindishirijwe, uburyo uhagarara imbere y'intebe y'Imanza y'Imana birahinduka.
Uregwa ahagarara imbere y'urukiko agategereza gusomerwa n'abacamanza umwanzuro. Iyo perezida w'urukiko ahagurutse akavuga ati'' nta cyaha'', uwo mwanya ahita ahanagurwaho ibyaha byose yaregwaga.

Azagenda yidegembya aho murukiko nkaho ari umwere. Yatsindishirijwe.

Gutsindishirizwa imbere y'imana birenzze cyane gutangarizwa ko ntacyaha kiguhama''. Bisobanuye ko basanze uri Umukiranutsi. Imana yashyize gukiranuka kwera kwa Yesu Kristo mumutima wawe.

Abagalatiya 3:6, muri *The Amplified Bible* , "Nk'uko Aburahamu yizeye Imana bikamuhwanirizwa no gukiranuka,. Abraham believed in *and* adhered to *and* trusted in *and* relied on God, and it was reckoned *and* placed to his account *and* credited as righteousness (as conformity to the divine will in purpose, thought, and action)."

Iri jambo Kubarwaho , ryakuwe mu mw'isezerano rishya ry'ikigiriki,(logizomai). Bisobanuye kubaraho, gushyiraho umuntu ibintu bikaba ibye.

Aburahamu yizeye Imana, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka.

Ibi ntibisobanuye ko yarabikwiriye. Ibyo byaba ari akakiza gashingiye ku mirimo. Mumagambo make, bivuze ko yashyize ibyiringiro bye byose ndetse no kwishingikiriza ku Mana akanemera ubuuryo Imana yashyizeho agakiza. .[8]

Abaroma 4:6 na 8, Bibiliya iravuga iti, "nk'uko Dawidi na we yeruye amahirwe y'umuntu, uwo Imana ibaraho gukiranuka atabiheshejwe n'imirimo ati, "Hahirwa abababarirwa ibicumuro byabo, Kandi ibyaha byabo bigatwikirwa.''

Umurongo 22-25 haravuga ngo, "Ni cyo cyatumye bimuhwanirizwa no gukiranuka.

Icyakora ntibyanditswe ku bwe yuko byamuhwanirijwe no gukiranuka, ahubwo no ku bwacu abazabiheshwa n'uko twizeye Iyazuye Yesu Umwami wacu,

watangiwe ibicumuro byacu akazurirwa kugira ngo dutsindishirizwe''.

Amagambo ,'' yabazweho'' ntibyanditswe kuri Aburahamu wenyine. Ahubwo no kubwacu, abazabihishwa nuko bizeye iyazuye Kristo mubapfuye. Kubera ko twizeye Kristo, tubarwaho gukiramuka kwe''.

Ushobora kwireba uibaza uti,'' ibi bishoboka gute? Ndiyizi. Muburyo ndemyemo ndetse no mumahitamo ndi Umunyabyaha. Rwose sinkwiriye kuba natsindishirizwa.''

Gusobanukirwa igitangaza cyo gutsindishirizwa, ugomba, biciye mu kwizera, kwemera uku kuri. Yesu yabaye ubuzima butagira icyaha. Yari intungane. Nubwo, yapfuye urupfu rw'ibivume ku musaraba, nkaho yari umunyabyaha. Kubera iki ?

Kubera ko, mugihe yapfaga, Imana yashhyize kuri Kristo ibyaha byacu byose. Yishyizeho uburemere bwose bw'ibyaha byawe n'ibyanjye. Yagiye kumusaraba nta cyaha, kugirango agucungure igihano ndetse n'imbaraga by'icyaha. Yaragupfiriye.

Abaroma 5: 19, Intumwa Pawulo yaranditse iby'uku kuri''Kandi nk'uko kutumvira Imana k'umuntu umwe kwateye ko abenshi baba abanyabyaha, ni ko no kuyumvira k'umwe kuzatera ko abenshi baba abakiranutsi''.

Muri 1 Abakorinto1:30, dusangamo: Ni yo ibaha kuba muri Kristo Yesu waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka no kwezwa no gucungurwa,''

Ntiwitiranye ibi icyo bivuze. Gutsindishirizwa ntabwo bikugira umukiranutsi, ahubwo ubarwa ko uri umukiranutsi kubera gukiranuka kwa Kristo kuri muri wowe nk'Impano ituruka ku Mana.

Abaroma3:24 havuga ko "ahubwo batsindishirizwa n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa, ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo''

Menya neza niba wumva neza cyane ibivuzwe haruguru. Gutsindishirizwa ni Impano ituruka ku Mana. Itangwwa kubw'ubuntu, ubuntu bw'Imana utarukwiriye. Mubisobanuro bisanzwe, Impano yose iba ari ubuntu. Ntabwo ikorerwa. Impano y'ubuntu ni imwe muzitangwa.

Iyo wakiriye Kristo mu mutima wawe, ibintu bibiri bikubaho. Icya mbere, ibyaha byawe bigukurwaho bigashyirwa kuri Yesu. Icya kabiri, gukiranuka kwa Kristo kwinjira mumutima wawe. Kugurana kukabaho.

Yesu aguranya gukiranuka kwe n'ibyaha byawe. Mbega guhinduranya kutagereranywa: Ibyaha byacu no Gukiranuka kwe!

INCAMAKE

Kuba waratsindishirijwe harimo ibi bikurikira.

1. **Watsindishirijwe ako kanya. Igihe Yesu yinjiraga mubuzima bwawe, wahise utsindishirizwa.**

2. **Gutsindishirizwa bivuze ko wagizwe umwere kubyaha byose wakoze ndetse n'ibyo uzakora mugihe kizaza.**

3. **Gutsindishirizwa bivuze, kubabarirwa n'Imana kubera ko Kristo yikoreye ibyaha byawe byose, (ahashize, none no mugihe kizaza) akabyishyiraho, agapfira ku musaraba kubera ibyaha byawe. .**

4. **Gutsindishirizwa bivuze kubabarirwa by'Iteka.**

5. **Gutsindishirizwa bivuze ko Imana yashyize mu mutima no mubuzima bwwawe gukiranuka kwa Kristo.**

6. **Gutsindishirizwa bivuze ko iyo ugeze imbere y'Imana kumunsi w'urubanza, Imana ikureba ikabona ko ntacyaha wigeze ukora, ahubwo ibona gukiranuka kwa Kristo muri wowe.**

7. **Gutsindishirizwa bivuzeko uhereye igihe gukiranuka kwa Kristo kwinjiraga muri wowe, uzamara iteka ryose mw'ijuru hamwe n'Imana.**

Muri 1 Yohana 5:12-13, , "Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo, naho udafite Umwana w'Imana nta bugingo afite.

Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry'Umwana w'Imana, kugira ngo mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho.

Ibaze ubwawe, '' mfite uwo mwana, naratsindishirijwe-nakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera Kristo?''(Abefeso 2: 8-9)?

Yewe n'Umwicanyi ibi yabimenya.

1. **Kenneth S. Wuest, Romans in the Greek New Testament, Wuest's Word Studies for the English Reader, Wm B. Eerdmans Publishing, Grand Rapids, Michigan 1955, p. 67.**

UMUTWE WA CYENDA

UBWIYUNGE NO GUCUNGURWA NI IKI?

INYIGISHO KUBWIYUNGE NO GUCUNGURWA

Ahubwo batsindishirizwa n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa, ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo.Abaroma 3:24

Abantu benda kugera kubihumbi bibiri bahuriraga munzu yerekana filimi yo mumujyi wa Neponecema, Minas Gerais, Brazil, kugirango barebe Filimi ya Yesu yerekanwaga na Campus Crusade for Christ.

Muri uwo Mugoroba, jyewe (Pastor Thomas, Umwanditsi w'iki Gitabo) nagombaga kwerekana igice cyanyuma cy'iyi Filimi, cyibanda cyane kukubambwa kwa Kristo, hanyuma nkatanga ubutumwa bugufi kubijyanye n'Umusaraba maze nkatumira abantu guha ubuzima bwabo Yesu ngo abe Umwami n'Umukiza wabo.

Buri muntu wese yari yatwawe n'iyo filimi. Ntawakomaga. Buri weseyakurikiranaga uburyo abasirikare b' Abaromani batera imisumari mubiganza no kubirenge bya Yesu.

Ubwo imisumari yahinguranyaga ibirenge bye, abantu benshi batangiye kurira. Amaso y'abandi benshi areba hasi, bias nkaho nabo barimo bumva ububabare bwa Yesu.

Iryo sinzi ry'abantu ryari ahoryose rifatwa n'amarangamutima akomeye.

Muri ako kanya , umugabo umwe yiruka aza aho Ikamyo yacu yari iri, aho twari twamanitse Inyakiramashusho(screen) n'igitambaro cyabugenewe kugirango twerekane filimi.

Mbere yuko hagira uwamuhagarika, asingira iyo nyakiramashusho (screen), arayizunguza ajyana imbere n'inyuma, asakuza cyane mugiporotigari ati '' Mate me!Mate Me, Mate Me'' Bisonurwa ngo Munyice, Munyice, Munyice''.

Aya ni amagambo y'igiporotigari avuga ngo ''Munyice , Munyice, Munyice!''

Ntiyashakaga ko Yesu apfa. Yashakaga ko ariwe upfa mu mwanya we.

Umugabo yabifashe nabi. Yashakaga gupfa mu mwanya wa Yesu ariko, imyaka ibihumbi bibiri ishize, Umwami wacu yapfuye mu mwanyawe n'uwacu. Mukujya kumusaraba, Yesu yaravugaga ati, '' Nimunyice,! Nimunyice,! Nimunyice''!

Hagomba igihano kugirango icyaha cyishyurwe. Ubu bwishyu ni Urupfu. Kugirango ibyaha byacu bibabarirwe, hari ugomba gupfa. Ntitwakwishyura iki gihano ngo tube tugifite ibyiringiro.

Inkuru nziza y'Imana ni iyi: Kristo yapfuye mukimbo cyacu. Yishyuye ikiguzi kubwacu.

Urwe rupfu ntirwari urupfu rusanzwe. Ubutumwa bwiza, bwerekana mu 1 Abakorinto 15:3-4, '' Muzi ko nabanje kubaha ibyo nanjye nahawe kumenya, yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe, agahambwa akazuka ku munsi wa gatatu nk'uko byari byaranditswe na none''

Abantu bateye hejuru cyane ngo , ''Nimwice Yesu''

Ntibyaribyo , nubwo , abo bantu bari barakaye cyane, ndetse n'abasirikare b'abaroma bakurikiraniraga hafi ibibera kumusaraba, Imana Data yari yemeye ko umwana wayo, Yesu, apfa, akishyura igihano cy'ibyaha byawe n'Ibyanjye. Intego yo kuza mw'isi kwa Yesu kwar'ugupfa kugirango ducungurwe, Ni yo nzira yonyine yari ihari.

Yesu yapfuye abihisemo. Yadukoreye ibyo twe tutari kwishoborera kubwacu. Yapfuye mu mwanya wacu.

Ntiyadupfiriye gusa, ahubwo yanatsinze urupfu kandi ubu ni muzima. Iyi niyo mpamvu ari we wenyine ushobora kuvugango,'' Ni jye nzira, Ukuri ndetse n'Ubugingo; ntawujya kwa Data ntamujyanye. Yohana 14:6

Icyabaye kumusaraba gikwiye kumvikana kandi kigakoreka mubuzima bwawe, kubera ko ari ryo pfundo ry'ubuzima bwa Gikristo. Bitabaye ibyo, ntibishoboka ko waba umukristo kandi ngo ubeho ubuzima bw'ubutsinzi. Kumusaraba , waracunguwe,kandi agakiza kawe karizewe.

Imana yakuguze amaraso y'Igiciro ya Kristo Yesu. Ubu, nk'umwizera, ubu uri uwe. Uri umwana we kandi uri umuturage w'ubwami bwe.

Hari imvugo ebyiri bibiliya ikoresha(Kunga, Gucungura no Gutsindishirizwa) ibi nibyo bisobanura icyo urupfu rwa Kristo kumusaraba rwagukoreye, wowe nanjye n'Impamvu Yesu ari we wenyine Nzira.

UBWIYUNGE

Ijisho ry'Ingurube

Ubwo , umugore wanjye, Barbara na Njye, twari muri Hanoi, Vietnam, twasuye Hanoi Hilton Hotel iyahoze ari gereza abavietnam bo mumajyaruguru bari barafungiye abasirikare bacu b'abanyamerika mugihe cy'Intambara ya Vietnam.

Igihe cyose umupilote w'Amerika ya Ruguru indege ye yaraswaga ikagwa hasi, agafatwa, yafatwaga nk'Umwanzi. Nta mbabazi yahabwaga, nta mbabazi. Kubisanzwe, imfungwa zakorerwaga iyica rubozo.

Kapiteni Howard Rutledge yadusangije ibyamubayeho ubwo yatoterezwaga muri Hanoi Hilton. Yongera guhamagara umwe mubasirikare ba Vietnam y'Amajyaruguru uwo imfungwa zitaga Jisho ry' Ingurube.

Jisho ry'Ingurube yahatiriraga Kapiteni Rutledge kwicara hasi m'uburyo bwo kumutoteza. Amavi ye arahinamirana kuburyo atashoboraga kuyarambura. Uwamuhataga ibibazo w'umugome, amukandagira hejuru y'amavi amutegeka kuyarambura.

Hanyuma , yakomeje kongera umubabaro w'amavi y'uwo musirikare w'amerika. Hifashishwaga umugozi munini ndetse n'inkoni kugirango amavi y'uwo musirikare ngo arambuke. Icyakurikiraga , akabohera inyuma akamubohera amaboko inyuma. Uwa murindaga yashoboraga kumukandagira kumugongo aboheye inyuma amaboko kugeza ubwo amaboko yashoboraga gutandukana n'aho aboheye.

[1] Kapiteni Rutledge yavuze ko yashoboraga kumva uburibwe buhinguranya amaboko kugera kumagufa. Uburibwe bwari bwinshi cyane kuburyo yasabaga Imana kugirango abe ari muri koma ngo atumva ubwo buribwe. Uburibwe bwari bukabije cyane kugeza ubwo yasabaga Imana ko yamushyira muri koma kugirango adakomeza kubabara.

Uku niko abantu bafata abanzi babo. Dukwiye gushimira Imana ko yo itameze gutyo. Iyo abanzi bayo baje bayigana, bungwa nayo kubw'umurimo wa Kristo kumusaraba. Iyi niyo nkuru nziza y'Imana kubantu bose.

Mu 2 bakorinto 5: 17 bibiliya iravuga ngo,'' nuko iyo umunntu ari muri Kristo aba abaye icyaremwe gishya; ibyakera biba bishize, dore byose bihinduka bishya.

GUCUNGURWA

Inzira y'amarira

Igihe nabwirizaga muri Afurika y'Uburengerazuba bw'Afurika mugihugu cya Benin, navumbuye inkuru itangaje. Mu kinyejana cya cumin a gatanu hari itsinda ry' abantu bitwaga Xwedah. Ubu bazwi nk'aba Quidah, ijambo ry'igifaransa risobanuye '' ubufasha''. Bahererereye muri Benin.

Umwami w'aba Xwedah, Kpasse, yubatse inyubako hafi y'inkombe agirango abone uko akurikirana abakozi be. Aha niho hubatse umujyi wa none waba Quidah. Igihe abanyaburayi bazaga muri afurika y'uburengerazuba bwa mbere, urwuri rw'umwami Kpasses nirwo rwabaye ihuriro rikuru ry'ubucuruzi. Aho hantu haranzwe n'urupfu.

Uwihaye Imana wo muri Espagne , Bartholome Las Cassas, yitegereje cyane imbaraga z'Abanyafurika. Ahangayikishijwe no gushaka gukiza uburetwa bwakorerwaga abasangwabutaka b'abanyamerika bakereshwaga n'ababarwanyaga b'abanyaburayi.

Yashoboye kubmvisha ko basimbuzwa abanyafurika bakabakorera. Papa Nicolas V, yasinye amasezerano yambere y'ubucuruzi bw'abacakara mu 1454. Icyo gikorwa kabaye intangiriro y'ikinyajana cyo kuba ikuzimu kw'abanyafurika.

Uhereye kuri icyo kintu, amamiriyoni menshi y'abanyafurika barishwe cyangwa batwarwa bunyago kujya gukora nk'abacakara muri Amerika. Bakoreshwaga mukuhira no guhinga imyaka yo muri Brazir , Leta zunze ubumwe za Amerika na Karayibe.

Abatware bo muri utwe duce, babona ko bashobora kubyaza umusaruro ubwo bucuruzi bubi b'Abagabo n'Abagore. Kugirango bagure ubwami bwabo, bari bakeneye imbunda, intwaro zikoresha ubumara ndetse n'ubumara bwazo ibyo abanyaburayi bari barabazaniye. Kugirango barinde abo bacakara, bagurishije izo ngaruzwamuheto zo mu ntambara kubacuruzi babera.

Mu 1727, umwami Agadja yigaruriye Quidah. Ahahindura ihuriro ry'ubucuruzi bwe bw'abantu kubanyaburayi. Bwa mbere, yari yishimiye kugurisha abanzi be yari yatsinze, ariko ababaguraga bari buzuye umururumba.

Basabaga abacakara benshi cyane muburyo bukabije. Bidatinze , umutwe w'Ingabo kabuhariwe waje gutera ibyo byaro, bafata mpiri abagabo, abagore, abasore n'Inkumi. Uwabarwanyije wese yarishwe.

Mu minyururu, izi mbohe, zajyanywe muri Quidah, ubu ni muri Benin yepfo. Bari bemerewe kugenda mw'ijoro gusa, bitari ukubarinda ubushyuhe n'izuba ryaho gua, ahubwo arukugirango batamenya inzira banyuramo bakaba bashobora kumenya inzira ibasubiza iwabo aho bakuwe.

Mumarira menshi n'ubwihebe, bihishaga mubigunda kumanywa yose. Uhereye igihe bafatirwaga, nta gakiza kandi bari biringiye, nta n'imbabazi bagirirwaga. Benshi muri bo bapfiriye mu nzira batageze muri Quidah.

Bagerayo , abaguraga abacakara baturutse muri Porutigari , Ubufaransa, ubwongereza, Ubuhorandi na Danemarike, bakabagurishiriza munsiy'ibiti byo mumigi kubiciro bihanitse cyane. Muri ubwo bucuruzi, abo bacakara bajyanwa kunyanja aho amato abarindiririye kugirango babambutse babajyane mu mahanga.

Babaga bemerewe kuruhuka inshuro imwe, bageze aho bita'' igiti cyo kugaruka''. Babaga bemerewe kuzenguruka icyo giti inshuro 3, mubyiringiro byuko Imyuka yabo igihe kimwe izagaruka muri Afurika.uwo niwo muhango wanyuma bakoraga mbere yuko baca ''mw'irembo ryo kutazagaruka ukundi.''[5]

Dutekereze ko umucakara wabaga watwawe muri America , akagurwa n'umugabo mwiza kandi w'umunyempuhwe. Umutware yashoboraga kubwira umucakara ati,'' nakuguze amafaranga yanjye, ariko nggiye kuguha impano y'ubwigenge.''

Umunyabyaha wazimiye, ari mummwanya neza neza w'uwo mucakara navugaga. Atari Kristo, umuntu nta byiringiro yagira. Iyo ateye Imana umugongo maze akaba imbata y'icyaha, aba aciye mumuryango wo kutagaruka''.

Ariko, igitangaza mubitangaza, Yesu yishyuye igiciro gihanitse gishoboka, igiciro cy'amaraso ye, kugira ngo agure umucakara! Kubw'ibyo, hari ibyiringiro kuhatari ibyiringiro. Umunyabyaha ashobora kubohoka.

Ibi ni inshungu, kugura umucakara watakaje ibyiringiro, akagurwa igiciro hanyuma akabohoka.

'' Inshungu '' ni irindi jambo rigaragaza icyabaye igihe Yesu yapfaga kumusaraba. Nkuko bikoreshwa muri Bibiliya, bisobanura'' kurekurwa hatanzwe icyiru.''

Itegeko ryo mw'isezerano rya kera, rivuga ko: Ariko niba iyo nka yari isanzwe yica bakaba barabibwiye nyirayo ntayirinde, ikica umugabo cyangwa umugore agapfa, iyo nka yicishwe amabuye, nyirayo na we bamwice.

ariko itegeko ryemera ko habaho kwishyura ubuzima bw'uwo muntu. Yasabwaga kwishyura icyo ategeetswe cyose. [6]

Nyuma y'imyaka icumi, yobu yaravuze ati,'' nzi yuko umucunguzi wanjye ariho. Yobu 19:25.

Mw'isezerano rishya ijambo '' inshungu'' rikoreshwa ryerekeza kw'igura n'igurissha ry'abacakara. Igitekerezo cyaruko habaho kwishyura kugira ngo umucakara abohorwe.

Yesu yaravuze ati'' kuko Umwana w'umuntu na we ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi.'' Mariko 10:45.

Pawulo yakoresheje iri jambo ubwo yandikaga,'' Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri,'' Abefeso 1:7

Yavugaga ko twabatuwe muburetwa bw'icyaha kubw'igitambo cy'urupfu rwa Kristo kumusaraba. Yesu yishyuye icyiru cyacu ku bw'amaraso ye.

Muri 1 Petero 1:18-19, haragira hati, "Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ari yo ya Kristo''.

Iyo uhaye ubuzima bwawe Kristo, uzakomeza gukora icyaha mubihe bitandukanye, ariko igihe Yesu yapfaga kumusaraba , yishyuye ibyaha byawe byose icyarimwe kandi by'iteka ryose. Kubera ibyo rero, ushobora kuba uwera kandi utariho umugayo imbere y'Imana.

Fanny Crosby yanditse iyi ndirimbo ikomeye cyane ivuga kugucungurwa:

''Gucungurrwa , mbega ukuntu nzabyogeza''!

Gucungurwa n'amaraso y'umwana w'Intama,

Gucungurwa n’imbabazi zidashira

Umwana we, ndi we by’iteka rryose.”[7]

[1] Howard and Phylis Rutledge, In the Presence of Mine Enemies. Old Tappan, New Jersey: Fleming and Revell, 1973, p. 25.

[2] William Barclay, *New Testament Words*, Philadelphia, Westminster Press, 1974, p. 168

[3] Kenneth S. Wuest, Wuest’s Studies from the New Testament Greek. Grand Rapids: Wm. B. Eerdmans Publishing, 1953, p. 82

[4] Archhibald Thomas Robertson, *Word Pictures in the New Testament, Vol. IV*, Grand Rapids: Baker Book

House, 1931, p. 357

[5] Martine de Souza, Regard sur Ouidah, A Bit of History, Ouidah, Benin, Africa, pp. 35-39.

[6] Kuva 21:29-30

UMUTWE WA CUMI

KWIHANA NI IKI?

INYIGISHO KU KWIHANA

Yeremiya3:1-4 na 4:1-4

IRIBURIRO

Muri iyi Si ya none, Abapastori benshi bari kwigisha inyigisho z'ubuyobe. Barimo kuyobya amamiriyoni menshi y'abantu babohereza mukuzimu akaba ariwo musaruro w'ibyo babigisha. Bigisha ko ushobora kwemera ko Yesu Kristo ari umukiza wawe ariko atari umwami wawe. Ntibigishe ''kwihana''.

Ibi rwose bihabanye cyane n'ibyo Bibiliya yigisha. Kwigisha ibi ni uguhakana byeruye ko umuntu akeneye kwihana.

Ijambo '' kwihana'' ni ijambo riri muri bibiliya rikeneye gusobanurwa m'uburyo bwitondewe. Dushobora gukoresha iri jambo mw'Itorero , hanyuma abizera bakaba basobanukirwa icyo tuvuze, ariko iyo rivuzwe mw'isi y'abatizera bashobora kutumva ibyo tuba tuvuga.

Kwihana ni urufatiro rrw'agakiza. Ijambo ry'ikigiriki risobanura kwihana ni '' metanoia''.

Meta bisobanuye'' nyuma'' naho'' noia'' bisobanuye'' gusobanukirwa''

Muyandi magambo, bisobanuye'' guhindura imitekerereze''. Yesu yakoresheje iri Jambo mw'Isezerano rishya ashaka gusobanuraguhinduka uva mumibereho ya kera uhindukirira Imana ugakizwa. (Mac Arthur).

Intumwa Pawulo yaravuze,'' kuko ubwabo bajya bavuga uburyo twabasūye, n'uko mwahindukiriye Imana mwimuye ibigirwamana, ngo mubone uko mukorera Imana nyakuri kandi ihoraho, (1 Abatesaronike 1:9).

Kwihana yari inyigisho ya Yesu Kristo kandi ihoraho. Kandi yari inyigisho y'ingenzi yo mw'Isezerano rya Kera. Reka twige inkuru yo kwihana mugitabo cya Yeremiya.

I. KWIHANA GUPFUYE 3:1-5

1— "**Baravuga bati 'Umugabo nasenda umugore we, yamara gutana na we akendwa n'undi mugabo, mbese yakongera gusubirana na we''?**

"Igihugu cyakorwamo bene ibyo ntikiba cyandujwe rwose?' Ariko weho wasambanye n'abakunzi bawe benshi, nyamara jyeweho uzangarukire. Ni ko Uwiteka avuga.

Yeremiya yagereranyaga Yuda n'Umugore utarabaye umwizerwa ku mugabo we. Yaramutaye ashaka undi mugabo. Ariko yuda yari mubi bikabije. Yuda yarafite abakunzi benshi, yarameze nk'Indaya ariko yibwiraga ko azagarukira Imana atihannye.

2—"Uburira amaso yawe mu mpinga witegereze. Aho utagize uwo muryamana ni hehe?

''Wabategererezaga mu nzira nk'Umwarabu uri mu butayu, kandi wandurishije igihugu ubusambanyi bwawe n'ibyaha byawe''.

Nk'igihamya cy'ubuhemu bwa Yuda, nuko buri muntu wese yashoboraga kureba hejuru y'imisozi hanyuma akabona ibishushanyo bisengwa. Ibigirwamana byaari byuzuye buri kanunga kumusozi. Ntahantu nahamwe hatari harigaruriwe n'ibyo bigirwamana''.

Bari bararikiye cyane kubakira ibigirwamana aribyo Yeremiya yagereranije n'indaya yicara kumihanda ishakisha abakunzi.

Ushobora kwibwira umubare w'ibigirwamana bari bafite kuko ahantu hose byari bihari?

V.3- "Ni cyo gituma imvura yimanwa kandi nta mvura y'itumba yabonetse, ariko ufite mu maso ha maraya wanga kugira isoni''.

Mw' Isezerano rya Kera, Imana yahagarikaga imvura inshuro nyinshi nk'uburyo bwo kubahana . Abahinzi batungwaga n'imvura ya hato na hato. Iyo imvura yabaga itaguye imyaka yarumaga igapfa.

Icyorezo cyigaruriraga igihugu.

Bagiye mubyaha byeruye kandi ntibyabatera isoni, ntibanabireka.

Vs-4-5, "Mbese uhereye ubu ntiwajya untakira uti 'Data we, uri umuyobora wo mu bukumi bwanjye'? Uti 'Mbese azahorana uburakari? Azabukomeza ageze ku iherezo?' Umva uko wajyaga uvuga kandi ukora ibyaha, ukagenza uko wishakiye."

Aha turabona urugero rwiza rwo KWIHANA GUPFUYE.

Abantu bo kwa yuda , ntabwo bari bafite gahunda yo guhinduka mumitekerereze yabo.

Bahamagaraga Imana ‘’Data’’, ‘’ Inshuti yanjye’’. Bayihamagara’’ Data, Inshuti yanjye’’ uhereye mu mabyiruka yabo. Ariko , babagaho nk’umugore uteri umwizerwa kandi w’Indaya. Bashakaga kubabarirwa ariko batihannye by’ukuri.

Ibishushanyo byabo bisengwa n’ubusambanyi bwabo byari byaranduje Igihugu. Ntibari bafite gutera umugongo ibishushanyo byabo bisengwa ndetse n’inzira zabo mbi. Nubwo bari barataye Imana, bahoraga bategereje Imbabazi z’Imana ariko batihannye by’ukuri.

Batekerezaga ko ineza y’Imana isobanura ko izirengagiza icyaha n’inzira byabo bibi.

Umwanzuro: ubu, abantu benshi ntibizera ko igihembo cy’ibyaha ko ari urupfu’’ Abaroma 6:23. kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu, ariko impano y’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu’’.

Igitekerezo cyo ‘’Gusubira inyuma’’ kigaragara inshuro ndwi muri iki gice cya gatatu. Yuda yari ishyanga’’ ryashyingiwe’’ Uwiteka. Imana yagiranye Isezerano naryo kumusozi wa Sinayi hamwe na Mose. Hanyuma yuda ntiyaba umwizerwa hanyuma atera Imana umugongo.

Imana yamusabaga kuyigarukira nk’igisubizo cyo gutandukira kwabo. Ariko, yarabyanze(Yuda).

Ariko yarabyanze bitari ukwishushanya ko bihannye. Yuda yihannye mu mutwe we gusa bitari mumutima. Yashakaga Imana ariko bitari m’uburyo Imana yashyizeho. Yashakaga Imana ariko agashaka n’ibishanyo bisengwa bye.

Kwihana gupfuye ni igihe umuntu amenye ko yacumuye yewe akanasaba imbabazi ariko ntareke ‘’ntahindukire’’ ngo areke icyo cyaha.

Kwihana gukwiye hazamo''guhindukira'' utera umugongo icyaha. Kwihana nyako hazamo'' guhinduka kwibitekerezo'' kubyara '' guhinduka kw'umutima'' bikabyara guhinduka kw'imyitwarire(imyifatire).

Gusubira inyuma, ni ukugwa gukomeye uva munzira z'Imana. Baretse urukundo rw'Imana rwa mbere. Batangira kubaho kubwabo aho kubaho kubw'Imana. Igisubizo kimwe cyizewe ni kwihana nyako bitari kwihana gupfuye.

II. KWIHANA NYAKO 4:1-4

V.01-" Uwiteka aravuga ati "Isirayeli we, nugaruka abe ari jye ugarukira, nukuraho ibizira byawe bikamva mu maso ntuzongera kujarajara, kandi uzarahira uti

2-" 'Ndahiye Uwiteka uhoraho w'ukuri, utabera kandi ukiranuka', maze amahanga azihesha umugisha muri we, kandi muri we ni mo bazishimira."

Imana yabonye kutihana kwa Isirayeli babikuye kumutima. Imana yabonye ko bafite ''kwihana gupfuye''.

Ariko, Imana yakomeje kubahamagarira kwihana.

Iyo baba bakomeje, bajyaga kureka ibishushanyo byabo bisengwa. Bakagendera mukuri no gukiranuka. Bari gukomeza indahiro ko uwiteka Imana ihoraho, ari umuremyi w'isanzure akaba ariwe bakorera gusa.

Yeremiya yakoresheje ingero shusho zagombaga gutuma abantu basobanukitwa m'uburyo bworoshye ko bakeneye kwihana.

A. **Kwihana no nko kurima! Umurongo wa 03**

'Ibyo ni byo Uwiteka abwira abantu b'u Buyuda n'ab'i Yerusalemu ati "Nimurime imishike yanyu, kandi ntimukabibe mu mahwa''

Kuko ari nta muhinzi wanyanyagiza imbuto ye m'ubutaka budahinze neza ngo azategereze umusaruro.

Imitima yacu igomba kuba irimye neza kandi isobanukiwe icyaha kiri mubuzima bwacu. Hanyuma tukemerera umwuka wera kumenagura imitima yacu nkuko umuhinzi arima cyane ubutaka kugirango imbuto zibone uko zera mubuzima bwacu kubw'Uwiteka.

B. **Kwihana ni nko kubagwa! Umurongo wa 04**

> **" Mwikebere Uwiteka kandi mukebeho ibikoba bitwikiriye imitima yanyu, mwa bagabo mwe b'u Buyuda n'abaturage b'i Yerusalemu, uburakari bwanjye butaza bumeze nk'umuriro bugatwika kandi nta wabasha kubuzimya, bitewe n'ububi bw'ingeso zanyu''**.

Kwihana ni nko gukebwa.

. Wari umuhango wategetswe n'Imana kubantu bose b'igitsina gabo bo muri Bayuda. Imana yagiranye isezerano nabo. Ibasezeranya ko bazayibera ubwoko bwatoranyijwe kandi bagombaga kuba umucyo kubanyamahanga bose kugirango baze ku Mana.

Ntibashoboye kubahiriza izo nshingano. Bahindukirira ibishushanyo bisengwa byakozwe n'intoki z'abantu.

Imana ntiyabasabaga gukebwa kumubiri, ahubwo gukebwa ko kumutima. Umutima ashushanyaga umwuzuro w'ubuzima bwose bw'imbere mumuntu. Bisobanura m'ubugingo bw'umuntu. Bivuga, ibitekerezo, imyumvire, n'ubushake by'umuntu.

Yeremiya 31:33 , "Uwiteka aravuga ati"Dore iminsi izaza, nzasezerana isezerano rishya n'inzu ya Isirayeli n'inzu ya Yuda,ridakurikije isezerano nasezeranye na ba sekuruza, ku munsi nabafataga ukuboko nkabakura mu gihugu cya Egiputa.

Rya sezerano ryanjye bararyishe nubwo nari umugabo wabo wabirongoreye. Ni ko Uwiteka avuga.

4:14 haragira hati, "Yewe Yerusalemu we, uhagira umutima wawe ho ibyaha kugira ngo urokoke. Uzahorana imigambi yawe mibi uzageze ryari?

I. INGARUKA ZO KWIHANA 4:5-18

Kubirebana na Yuda. Yuda aba yararimbuwe n'Abanyababuroni. Urubanza ruraje!

v. 5- "Mumenyeshe u Buyuda kandi mwamamaze n'i Yerusalemu muti 'Nimuvuze impanda mu gihugu, murangurure muvuge muti: Nimuteranire hamwe tujye mu midugudu igoswe n'inkike''.

v. **6- “Mushinge ibendera aherekera i Siyoni, mwiyarure ntimurushye muzuyaza, kuko ngiye kuzana icyago kizaturuka ikasikazi no kurimbuka gukomeye.”**

Iyi mirongo ibiri iratanga impuruza yo guterwa kwari kugiye kubaho. 5-31

Guterwa kwagombaga guturuka mu majyaruguru. Impanda yavuzwaga muburyo bw’Impuruza. Imiburo yahabwaga abantu ngo bahungire muri Yerusaremu ahari hakikijwe n’Inkike. Aho bashoboraga kurindirwa.

Umwanzi yashoboraga kugota yerusaremu kugira ngo abuze abantu badasohokamo. Bagombaga guhanwa n’Imana kuberako banze kwihana.

v. **18-“ “Inzira yawe n’imirimo yawe ni byo biguteje ibyo bitero, icyo ni icyaha cyawe. Ni ukuri biragusharirira kuko bikugeze mu mutima.”!**

Uko bikorwa:

Imana ihamagarira abantu bose kwihana no Kuyigarukira.

Ukuri guhari nuko, hari urubanza ruzaza. Yeremiya yabwiye abantu b’iyudaya ko hari urubanza rwari rugiye kuza kandi igihugu kikigarururwa n’abanyamahanga, Babuloni.

Ntibigenze bumva ahubwo bakomeza gusenga izindi mana zakozwe n’amaboko y’abantu. Maze, Imana irabahana, yohereza ingabo z’abanyamahanga gutera Yerusalemu amaze baraharimbura.

Uhereye igihe Imana yahaniye ubwoko bwayo yitoranyirije, Abayuda, nuko rero n'ubu izanahana abantu bayiteye umugongo bakanga Kwihana.

Kuko hari urubanza ruzaza kubantu bose banze kwihana ntibiyegurire Kristo nk'Umwami.

IV. UMUSARURO WO KWIHANA NYAKURI.

Kwihana nyako kubyara agakiza no kubohoka. Ntiwakwakira Kristo nk'umwami keretse umwakiriye nk'umukiza wawe.

Iyo wakiriye kristo nk' umwami n'umukiza wawe ubwo uba wihannye ibyaha byawe. Kwihana ni uguhindukira uva mubyaha byawe.

Ariko, nta muntu washobora kwikura mu byaha bye. Imana niyo iguhamagara. Kubw'ubuntu bwayo, Imana iguha ubushobozi bwo kuyakira ngo ibe Umwami, Imana ndetse n'Umutware w'Ubuzima bwawe.

Kristo yapfiriye ibyaha byawe. Yarashyinguwe. Nyuma y'Iminsi itatu azuka mubapfuye. Ubu ni muzima kandi arashaka kuba mumutima wawe nk'umwami n'Umukiza wawe.

Ukuri ni uku: Tekereza ko mumutima wawe harimo intebe y'ubwami. Wowe kugiti cyawe, ukaba ari wowe wicaye kuri iyo ntebe.
Ukaba nyamwigendaho, ugashaka kuyobora no kugenga ubuzima bwawe uko ubishaka.

Kwihana ni ukuva muri iyo ntebe iri mumutima wawe maze ukemerera Kristo kuyicaramo akayobora ubuzima bwawe. Bivuze ko ugomba kugira Yesu UMWAMI w'ubuzima bwawe.

Ntitwagira Yesu Umwami. Kuko asanzwe ari Umwami ariko tugomba guhitamo kumugira umwami w'ubuzima bwacu. Iki ni ikintu kingenzi mukwihana.

Abaroma 10:9 haragira hati, “Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa’’.

UMWANZURO

Uhereye mw’isezerano rya Kera ukageza mw’Isezerano rishya, inyigisho nyamukuru yari kwihana. Inshuro nyinshi zishoboka bibiliya ihamagarira bose kwihana.

Kwihana nyako bisobanura kwatura ko Yesu ari we Mana yawe yonyine akaba n’UMWAMI.

Bibibliya yemeza neza ubumana bwa Kristo muburyo bwose. Ni umwami w’ibintu byose. (Ibyakozwe n’Intumwa 10:36). Yesu agaragazwa ko ari umwami inshuro 747 mw’isezerano rishya. Igitabo cy’ibyakozwe n’Intumwa kigaragaza Yesu ko ari Umwami inshuro 92 akagaragazwa ko ari umukiza inshuro 2 gusa.

Ishingiro ry’inyigisho z’isezerano rishya ryari’’ Kristo ni Umwami’’.

Yeremiya yahamagariraga abantu be Kwihana… bakagarukira uwiteka. Bakamwiyegurira! Ingaruka zizanwa no kutihana neza ni urubanza.

Natwe nicyo Imana iduhamagarira none: kwihana…tukagarukira Umwami. Kristo ni Imana.
Ni IMANA!Hindukirira Kristo nk’Umwami wawe nawe aragukiza.

Azagukiza.

UMUTWE WA 11

NI IKI KWIZERA N’UBUNTU?

INYIGISHO KUKWIZERA N’UBUNTU

Mwakijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira’’. Abefeso 2:8-9

IRIBURIRO

Muri Leta zunze ubumwe za Amerika, hari isumo rinini cyane, rigabanya Amerika na Canada. Umuntu yaziritsseho umugozi maze yambuka iryo sumo ry'umugezi wa Niagara. Iyo agira ibyago akagwa yari guhita apfa ako kanya.

Isinzi ry'abantu bari aho ngaho bareba. Amaze kwambuka uwo mugezi, abantu bose bamukomera amashyi bamushima.

Hanyuma yitegereza iryo sinzi ry'anbantu arababaza ati, '' mwizera ko nshobora kongera kubikora''. Abari aho bose baterera hejuru icyarimwe ngo ''Yego''

Hanyuma arababwira ati, niba mutekereza ko nabikora nanone, nihagire uza yinjire muri uru ruziga hanyuma musunike, nawe ahambuke''.

Ariko ntawabyemeye.

Uru ni urugero nyarwo rwo kwizera ukoresheje ubwenge bwawe atari umutima wawe.

I. IGISOBANURO CYO KWIZERA

By'Ukuri Kwizera ni iki? Isezerano rya kera ryanditswe bwa mbere mukigiriki. Ijambo ry'ikigiriki ryakoreshejwe rivuga kwizera ni,'' Pistis''. Pistis bisobanura''greek'' kuba umwe n'Imana binyuze muri Kristo''.

Hebrews 11:1-3 Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri. Icyatumye aba kera bahamywa neza, ni uko bari bagufite.

Kwizera ni ko kutumenyesha yuko isi yaremwe n'ijambo ry'Imana, ni cyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mu bigaragara''.

Abantu bo mw' Isezerano rya Kera babayeho bafite ibyiringiro ko igihe kimwe Mesiya, Yesu azaza. Babyizeraga n'imitima yabo yose, n'ibitekerezo byabo byose ndetse n'ubugingo bwabo bwose. Icyo nicyo bita Kwizera. Ni kwizera isezerano ry'Imana utararibona mubifatika.

Uru ni uruhande rumwe rwo kwizera. Umenya ko bizaba kuko wizeye gusa isezerano ry'Imana.

Tuzi ko iyo icyizere cyacu kiri muri Kristo ko amazina yacu yandikwa mugitabo cy'Ubugingo. Twizera Imana hanyuma tukizera n'icyo ivuga.

Ukwizera ni kwizera Imana ukizera n'Ijambo ryayo n'igihe udashobora kubibona mubigaragara nonaha. Ukamenya ko bizabaho kuko Imana yabivuze.

Ubu abizera bose bizera ko Yesu azagaruka bwa Kabiri. Ntanumwe muri twe urabona uwo munsi n'ibizawubaho, kubera ko utaragera. Nyamara, tuzi ko Kristo azagaruka kuko yabivuze.

Igihe Yesu yasubiraga kwa SE, abigishwa be bari bararamye batumbiriye kubicu. Marayika arababonekera arababwira ati,' "Yemwe bagabo b'i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru."'

Ntiturabona kugaruka kwe (Yesu) ariko ariko twizeye Imana n'Ijambo ryayo niyo mpamvu tuzi neza ko umunsi umwe bizabaho. Uko ni Ukwizera.

UBWOKO BUBIRI BWO KWIZERA

Hari uburyo bubiri bwo Kwizera. Ibi nibyo bitera benshi urujijo.

A. Kwizera ko mumutwe.

Uku ni ukwizera gushingiye kubwenge bwa kimuntu aho umuntu yizera Imana na Yesu. Ushobora kwizera ko Yesu yabyawe n'Isugi, akabaho nta cyaha afite, agakora ibitangaza, agapfira kumusaraba kubw'icyaha, akazuka mubapfuye akaba azagaruka umunsi umwe.

Ukaba wamenya, ukanizera inyigisho z'Imana n'Iza Yesu Kristo.

Nyamara, bibiliya ivuga muri Yakobo 2:19'' Wizera yuko Imana ari imwe rukumbi. Ibyo ni byiza, ariko abadayimoni na bo barabyizera bagahinda imishyitsi''.

B. Faith in the Heart--- Kwizera ko Mumutima.

Uku ni ukwizera ko m'ubugingo. Uku niko kwizera nyako. Uku ni ukwizera gukiza umuntu satani, icyaha ndetse no kurimbuka.

Iyo umuntu afite kwizera ko mumutima yizera m'ubwenge bwe koKristo ari Imana, Umwami n'Umukiza ariko agaha ubuzima bwe Kristo. Akegurira ubuzima bwe Kristo.

Urugero rwiza rwo Kwizera.

Itegereze intebe iri iruhande rwawe. Hanyuma gira uwo ubaza. '' wizera ko ndamutse nicaye muri iyi Ntebe yashobora kwakira uburemere bwange? Wizera ko iyi ntebe ikomeye bihagije kuburyo itangusha?
Nagusubiza ati ''yego'' umubaze uti,'' mfitiye ikizere iyi ntebe?'' ibyo mvuga nuko iyi ntebe nizeye ko yakwkira ibiro byanjye itari bungushe. Nonese , mfite kwizera muri iyi ntebe?

Igisubizo ni,'' OYA'' ntabwo birabaho. Ndizera iyi ntebe aruko nyicayeho.

Muri iki kigereranyo, Yesu agereranywa n'iyi Ntebe. Ufite amahitamo. Ushobora guhagarara imbere y'iyo ntebe maze ukavuga uti.''

nindamuka nyicayeho nibwo ndibwizere ko iyi ntebe iri bushobore kutangusha.

Cyangwa ushobora kuyicaraho ukemerera intebe kugumana ibiro byawe. Uko ni ukwizera ko mumutima.

Hanyuma , ushobora kwizera Kristo ko ari Imana, yabyawe n'Isugi, akaba atarigeze akora icyaha, agapfira kumusaraba kubw'ibyaha byawe, akazuka mubapfuyye, akaba azagaruka ubwa kabiri.

Nyamara, kuva kera Satani n'abadayimoni nabo barabyizera. Ni igihe ufashe icyemezo cyo kwegurira ubuzima bwawe bwose Kristo nibwo uba ukijijwe.

II. IGISOBANURO CY'UBUNTU

Ubuntu ni iki?
Ubuntu ni impano uhabwa kubuntu utakoreye kandi udakwiriye.

Igihe kimwe uyu mwanditsi yari kuri sitasiyo ya risansi kugirango ashyire lisansi mumodoka ye. Umuntu aramwegera aramubwira ko ashaka license nkeya kugirango abashe kugera murugo. Ntiyasabye nyinshi.

Nyamara, Imana ivugana n'Umutima wanjye maze nuzuza imodoka ye lisansi. Yewe, nokumuha lisanse nke nta kiguzi nabyo byari ubuntu. Ntiyari yayikoreye. Kuko itari iye. Ntiyarayikwiye.

Nyamara, nujuje imodoka ye lisansi. Yaratunguwe. Yarishimye cyane. Yarabonye ubuntu. Namuhaye impano y'ubuntu.

Iki ni cyo Imana iduha. Yesu yakoze umurimo. Yagiye kumusaraba. Yamennye amaraso ye. Yabaye igitambo cy'amaraso arapfa maze yishyura ibyaha byacu. Azuka mubapfuye.

Yakoze umurimo wose. Ubu, aduha impano y'ubuntu arizo mbabazi n'agakiza.

Iyi ni ubuntu ariko dukeneye kwakira iyi mpano. Ntawe ahatira kuyakira.

Aratanga ariko twe tugomba kuyakira mumitima yacu no m'ubuzima bwacu.

Yohana 1:12,"
Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana''.

Kwizera ni uguha ubuzima bwawe Kristo. Ukamwizera ariko ukanamwiyegurira. Uko niko Kwizera.

Iyo wiyeguriye Kristo, akubabarira ibyaha byawe, agahindura ubuzima bwawe, akandi izina ryawe mugitabo cy'ubugingo. Ibyo ni UBUNTU.

Aguha impano utarukwirriye

''Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira''. Abefeso 2:8-9

Ubu, ushobora kwegurira ubuzima bwawe Kristo. Mukumwegurira ubuzima bwawe, wizeye ko ari umwami n'umukiza wawe. Aragusubirisha gutaha mubuzima bwawe binyuze mumwuka we hanyuma agukize.

Binyuze mu kwizera, ushobora gusenga nonaha, ugatumira Yesu mumutima wawe n'ubuzima bwawe. Bikore nonaha.

UMUTWE WA CUMU NA KABIRI

UGARUKA KWA KRISTO

INYIGISHO KUKUGARUKA KWA KRISTO.

Matayo 24:30-31

‘’Ubwo ni bwo ikimenyetso cy’Umwana w’umuntu kizabonekera mu ijuru, n’amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga abonye Umwana w’umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n’ubwiza bwinshi.

Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry’impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y’ijuru ukageza iyindi mpera yaryo.

IRIBURIRO

Mubyakozwe n’intumwa igice cya mbere tubonamo inkuru mpamo y’abigishwa ba Yesu. Yesu yabategetse mumurongo wa 4-5: Nuko abateraniriza hamwe, abategeka kutava i Yerusalemu ati “Ahubwo murindire ibyo Data yasezeranije, ibyo nababwiye: kuko Yohana yabatirishaga amazi, ariko mwebweho mu minsi mike muzabatirishwa Umwuka Wera.”

Hanyuma abategeka kujyana ubutumwa mw’isi yose. 8-9. ‘’**Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n’i Yudaya yose n’i Samariya, no kugeza ku mpera y’isi.” Amaze kuvuga atyo azamurwa bakimureba, igicu kiramubakingiriza**.

Tekereza bahagararanye na Yesu maze mukanya nkako guhumbya ukabona igicu kirabatwiriye hanyuma akaburira imbere yabo. Abigishwa be bahagarara aho bareba.

Bakiraramye batumbira mu ijuru akigenda, abagabo babiri barababonekera bahagaze iruhande rwabo, bambaye imyenda yera. Barababaza bati “Yemwe bagabo b’i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk’uko mumubonye ajya mu ijuru.” Umurongo wa11.
Ubwo turibube twiga kugaruka kwa Yesu, turaba twibanda kubibazo bine.

I. KUGARUKA KWE KURIZEWE?

Muri iki gihe hari za miliyoni nyinshi z’abantu zitizera ko Yesu Kristo ari Umwami n’Umukiza ntibanizere ko azagaruka.

Ariko, bibiliya ivuga kenshi ko Yesu azongera akagaruka. Mw'isezerano rishya hari imirongo irenga 318 igaragaza kugaruka kwa Kristo.

Kugaruka kwa Kristo kurimo ibice bibiri. Ubwa mbere, byabaye igihe abyarwa n'Isugi, Mariya. Mukuza kwe kwa mbere yaje ngo abeho ubuzima butunganye maze apfire ibyaha byacu.

Ikiguzi kimwe rukumbi Imana yari kwemera kubw'ibyaha ni Urupfu rwo kumeneka kw'amaraso kandi Yesu yamennye amaraso ye apfira kumusarabank'igitambo cy'Umuntu kubw'Ibyaha byacu.

Abahanuzi bo mw'isezerano rya Kera, bahanuye kuza kwa mbere kwa Mesiya inshuro nyinshi.

Hari amagambo menshi muri bibiliya agaragaza kugaruka Kwa Kristo. Imwe muri yo ni:

--Umunsi w'Uwiteka—Ibyakozwe 2:20
--umunsi w'Umwami wacu Yesu Kristo I kor. 1:8
--Umunsi w'Umwami Yesu—I kor. 5:5
--Umunsi wa Kristo—Abafilipi. 1:10
--Umunsi w'Imana-----II Petero 3:12
-Kuri uwo munsi---------- Matayo. 7:22
--Umunsi w'Imperuka. --------- John 6:39
--Umunsi we---------- Luka 17:24
--Kuboneka kwa Kristo—I Timoteyo 6:14
--Kuza kwa Kristo ----I korinto. 15:23

Nkuko ari ukuri ko Yesu yaje bwa mbere ninako azagaruka. Iryo ni isezerano ry'Imana.

"Yesu yaravuze ati," Yesu aramusubiza ati "Wakabimenye, kandi ndababwira yuko hanyuma muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana, aje ku bicu byo mu ijuru." Matayo 26:64

II. NI GUTE YESU AZAGARUKA

Kugaruka kwe kuzaba ari ukugaragarira buri wese(muburyo bw'umubiri)

Amaso yose azamureba . Mukanya nkako guhumbya amanuka ava mw,ijuru.

I Tesalonike . 4: 16 , "Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka,

Yohana 5:28 haragira hati, "Ntimutangazwe n'ibyo kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye.

Ibyahishuwe 1:7 hati, "Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba, ndetse n'abamucumise na bo bazamureba, kandi amoko yose yo mu isi azamuborogera. Na none, Amen.

III. NI RYARI YESU AZAGARUKA

Ntawuzi igihe Yesu azagarukira. Ibyakozwe 1:11 haragira hati,'' Arabasubiza ati "Si ibyanyu kumenya iby'iminsi cyangwa ibihe Data yagennye, ni ubutware bwe wenyine.

Azaza mugihe kitazwi.

Ntawubizi. Yesu yaravuze ati:

"Icyakora, *umunsi* n'*isaha* bizaberaho ntawe ubizi, habe n'abamarayika bo mu ijuru *cyangwa* Umwana w'Imana, bizwi na Data wenyine''
Bibiliya yigisha ko azaza nk;umujura wiba nijoro.
kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro. I Abatesalonike 5:2.

Hari abantu benshi bagerageje gukeka igihe nyacyo cyo kugaruka kwa Yesu.

Yesu yerekanye imperuka y'ibihe muri Matayo 24 ariko ntawamenya umwaka cyangwa umunsi. Uku niko yavuze:

4- “Yesu arabasubiza ati “Mwirinde hatagira umuntu ubayobya,

5- kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye bati ‘Ni jye Kristo’, bazayobya benshi.

6- Muzumva iby’intambara n’impuha z’intambara, mwirinde mudahagarika imitima kuko bitazabura kubaho, ariko imperuka izaba itaraza.

7- Ishyanga rizatera irindi shyanga, n’ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n’ibishyitsi hamwe na hamwe.

8- Ariko ibyo byose bizaba ari itangiriro ryo kuramukwa.

Yesu yakomeje agaragaza akaga kazaba mw’Isi yose Gutotetezwa, no kuba ubutumwa bwiza buzigishwa isi yose.

24- Kuko abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n’ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n’intore niba bishoboka.

Yesu yavuze ijambo ritangaje.

29-“ Ariko hanyuma y’umubabaro’’

30- yaravuze ati ‘’Ubwo ni bwo ikimenyetso cy’Umwana w’umuntu kizabonekera mu ijuru, n’amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga abonye Umwana w’umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n’ubwiza bwinshi’’.

31-“ Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry’impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y’ijuru ukageza iyindi mpera yaryo”.

Matayo 24:36 , “Icyakora umunsi n'isaha bizabera ntawe ubizi, habe n'abamarayika bo mu ijuru cyangwa Umwana w'Imana, bizwi na Data wenyine”.

IV. BIZAGENDA BITE YESU NAGARUKA

Ntawuzi igihe, nta mbuzi ibayeho, umunsi umwe ibicu bizakinguka Yesu tuzamubona.

I Abatesalonike 4:16-18, " Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka,

maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana N'UMWAMI ITEKA RYOSE.

Azazana n'ijwi rirenga,

1. **hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye**
2. **n'impanda y'Imana He will come with the trumpet call of God.**
3. **nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka,**
4. **nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka,**
5. **maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere I Abatesalonike 4:16-18.**
6. **Nuko rero tuzabana N'UMWAMI ITEKA RYOSE.**

I Abatesalonike 4:16-18, " Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka,

maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana N'UMWAMI ITEKA RYOSE.

A. The Kingdom of God will be Completed.

At this time the earth will be cleansed. 2 Peter 3:7, "By the same word the present heavens and earth are reserved for fire, being kept for the day of judgment and destruction of ungodly men".

B. Satani azatsindwa burundu.

Ibyahishuwe 20:10, "kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose.

UMWANZURO

Yesu ashobora kuza igihe icyo aricyo cyose.

A. Kubizera !

Dukwiye kuba maso ndetse tukanaba abizerwa. Yesu yaravuze ati, ''Ariko ujye ukiranuka uzageze ku gupfa, nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo.''

Umujyi wa Pompei mubutariyani, Imyaka myinshi ishize, habayeho iruka ry'ikirunga cyangiza ibintu byose, umuntu wese wari muri uwo mujyi arapfa, umujyi wose urarimbuka.

Abashakashatsi bagiyeyo bacukumbura iby'uwo mujyi wa kera.

Itsinda rimwe ryavumbuye amagufwa y'umusirikare wari umurinzi kuri uwo munsi. Yarebaga yerekeje hagati mumurwa. Uwo musirikare yari munshingano ze nk'umwizerwa.

Birashoboka ko yavugaga ati, ''Data buja yanshyize hano, ntitaye kukiriho kiraba, ndagumya kuba umwizerwa''.

Andi magufwa y'umusirikare yabonetse , we yarimo ahunga, uwo wahungaga ntabwo yari umwizerwa.(Ford p, 113).

Uri nde muri aba bombi? Uriruka usanga Imana? Ese uri mubushake bwayo kubw'ubuzima bwawe? Ese uri umwizerwa ku Mana mumurimo ukora?

B. Kubatizera!

Ikibazo ni iki, witeguye kuza ku mwami Yesu ? niba utiteguye, ubu nonaha ushobora guha ubuzima bwawe Kristo. Yapfuye kugirango yishyure ibyaha byawe, yarahambwe, yanazutse mubapfuye.

Biciye mukwizera, araza mubuzima bwawe, akubabarire ibyaha byawe, anaguhe ubuzima bushya ndetse anaguhe ubuzima bw'iteka.

Nonaha senga usaba Yesu kuza m'ubuzima bwawe. Uraba witeguye kugaruka kwa Kristo niba Kristo ari mubuzima bwawe no mumutima wawe.

IBITABO BYIFASHISHIJWE

Akins, Wade. Be A 24.7 Christian. Hannibal Books.

Barclay, William. *New Testament Words*, Philadelphia,

Westminster Press, 1974,

Crosby. Fanney. J

Davidson. Benjamin, The Analytical Hebrew and Chaldea

Lexicon.Grand Rapids, Mich. Zondervan. Publishing House, 1977.

Ford, Hershel. Simple Sermons on Christian Doctrines.

Greek English Dictionary of the New Testament. United BibleSocieties, 1971. p. 246.

Graham, Billy. The Holy Spirit. Word Books, 1978.

Mac Arthur, John. Moody Publishers. Hebrews.

Robertson, Archhibald Thomas, *Word Pictures in the New Testament, Vol. IV*, Grand Rapids: Baker Book House, 1931.

Ruthledge, Howard and Phylis, In the Presence of Mine Enemies. Old Tappan, New Jersey: Fleming and Revell, 1973.

Souza, Martin, Regard sur Ouidah, A Bit of History, Ouidah, Benin, Africa, pp. 35-39.

Wuest, Kenneth S. Romans in the Greek New Testament, Wuest'sWord Studies for the English Reader, Wm B. Eerdmans Publishing, Grand Rapids, Michigan 1955.

Zodhiates, Spiros. The Hebrew-Greek Key Study Bible. Chattanooga, Tenn.:AMG Publishers,1984,p. 1,065.